**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**
**SENA**

**IBIRO BYA PEREZIDA**

***IFISHI IGENDANA N'INYANDIKOMVUGO***

**INYANDIKOMVUGO N° 271/SEN/P/PV/MJ**

**INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KU WA 30 NYAKANGA 2024 (15H00)**

**LISITI Y'ABAFASHE IJAMBO**

1. Senateri NKUSI Juvénal
2. Senateri NIYOMUGABO Cyprien
3. Senateri UWERA Pélagie
4. Senateri MURANGWA Ndangiza Hadija
5. Senateri MUKAKARANGWA Clotilde
6. Senateri BIDERI John Bonds
7. Senateri HAVUGIMANA Emmanuel
8. Senateri NSENGIYUMVA Fulgence
9. Senateri DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre
10. Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**
**SENA**

**IBIRO BYA PEREZIDA**

**INYANDIKOMVUGO N° 271/SEN/P/PV/MJ**

**INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KU WA 30 NYAKANGA 2024 (15H00)**

**YEREKEYE**:

1. **Kugezwaho no gufata umwanzuro raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ku isuzumwa rya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka warangiye ku wa 30 Kamena 2023;**

2. **Kwemeza inyandiko zivunaguye z'inama z'Inteko Rusange ya Sena zo mu bihembwe bidasanzwe byakurikiye igihembwe cya kabiri gisanzwe cya Sena cy'umwaka wa 2023-2024 zikurikira:**

   - **Iyo ku itariki ya 18/04/2024 (08h00);**
   - **Iyo ku itariki ya 06/05/2024 (14h00);**
   - **Iyo ku itariki ya 10/05/2024 (09h00);**
   - **Iyo ku itariki ya 14/05/2024 (09h00).**

3. **Kwemeza inyandikomvugo z'inama z'Inteko Rusange ya Sena zo mu bihembwe bidasanzwe byakurikiye igihembwe cya kabiri gisanzwe cya Sena cy'umwaka wa 2023-2024 zikurikira:**

   - **Iyo ku itariki ya 18/04/2024 (08h00);**
   - **Iyo ku itariki ya 06/05/2024 (14h00);**
   - **Iyo ku itariki ya 10/05/2024 (09h00);**
   - **Iyo ku itariki ya 14/05/2024 (09h00).**

Inama y'Inteko Rusange yatangiye i saa cyenda iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Sena, Dr KALINDA François Xavier.

**Hari Abasenateri bakurikira:**

1. Senateri BIDERI John Bonds
2. Senateri DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre
3. Senateri HABINEZA Faustin
4. Senateri HABIYAKARE François
5. Senateri HAVUGIMANA Emmanuel
6. Senateri KANYARUKIGA Ephrem
7. Senateri KANZIZA Epiphanie

8. Senateri MUGISHA Alexis
9. Senateri MUKABARAMBA Alvera
10. Senateri MUKAKARANGWA Clotilde
11. Senateri MURANGWA Ndangiza Hadija
12. Senateri MURESHYANKWANO Marie Rose
13. Senateri NIYOMUGABO Cyprien
14. Senateri NKURUNZIZA Innocent
15. Senateri NKUSI Juvénal
16. Senateri NSENGIYUMVA Fulgence
17. Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia
18. Senateri NYIRASAFARI Espérance
19. Senateri TWAHIRWA André
20. Senateri UWERA Pélagie
21. Senateri UWIZEYIMANA Evode

**Umusenateri utaritabiriye Inteko Rusange afite impamvu**

1. Senateri UMUHIRE Adrie

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, mwiriwe!

Nagira ngo dutangire mbashimira ko mwitabiriye inama y'Inteko Rusange yo kuri uyu munsi tariki ya 30 Nyakanga 2024.

Nkaba mbamenyesha ko ubu turi Abasenateri makumyabiri na babiri (22). Bityo tukaba dukwije umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inteko Rusange iterane mu buryo bukurikije amategeko.

Ba Nyakubahwa kuri gahunda y'uyu munsi hateganyijwe ingingo zikurikira:

- Ingingo ya mbere ni ukugezwaho no gufata umwanzuro kuri raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ku isuzumwa rya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka warangiye ku wa 30 Kamena 2023;

- Ingingo ya kabiri ni kwemeza inyandiko zivunaguye z'inama z'Inteko Rusange ya Sena zo mu bihembwe bidasanzwe byakurikiye igihembwe cya kabiri gisanzwe cya Sena cy'umwaka 2023-2024 ari zo zikurikira:

    - Iyo ku itariki ya 18 Mata 2024 (08h00);
    - Iyo ku itariki ya 06 Gicurasi 2024 (14h00);
    - Iyo ku itariki ya 10 Gicurasi 2024 (09h00°;
    - Iyo ku itariki ya 14 Gicurasi 2024 (09h00).

- Ingingo ya gatatu, ni kwemeza inyandikomvugo z'inama z'Inteko Rusange ya Sena zo mu bihembwe bidasanzwe byakurikiye igihembwe cya kabiri gisanzwe cya Sena cy'umwaka wa 2023-2024 zikurikira:

    - Iyo ku itariki ya 18 Mata 2024 (08h00);
    - Iyo ku itariki ya 06 Gicurasi 2024 (14h00);
    - Iyo ku itariki ya 10 Gicurasi 2024 (09h00;
    - Iyo ku itariki ya 14 Gicurasi 2024 (09h00).

Ba Nyakubahwa ndagira ngo dutangire dusuzuma ingingo ya mbere yerekeye kugezwaho no gufata umwanzuro kuri raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari nari maze kubamenyesha.

Nkaba kuri uyu mwanya nsaba Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari kuza mu mwanya wabigenewe kugira ngo bageze ku Nteko Rusange raporo ya Komisiyo.

Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ijambo ni iryanyu kugira ngo mugeze raporo yanyu ku Nteko Rusange.

**Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, Senateri NKUSI Juvénal**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena kuba muduhaye umwanya kugira ngo tugeze ku Nteko Rusange raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari yakoze ku isuzumwa rya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka warangiye kuri 30 Kamena 2023.

Ibikubiye rero muri iyi raporo biri mu ngingo enye: dufite intangiriro, ishusho rusange y'ibyagaragajwe muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru y'umwaka wa 2022-2023, hanyuma ku ngingo ya gatatu Komisiyo yarasesenguye ku bikubiye muri iyo raporo no gutanga umusozo.

Mu ntangiriro rero, ikiba kigamijwe ni ugusuzuma uko umutungo n'imari bya Leta byakoreshejwe no gutanga inama.

Mu buryo bukoreshwa bukaba ari ugusesengura ibibazo byagaragajwe muri raporo, tugasuzuma intambwe yatewe mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta, tugasuzuma n'intambwe zatewe mu kubahiriza inama Umugenzuzi w'Imari ya Leta atanga ku bigo yagenzuye.

Mu ishusho rusange rero dufite ni uko umwaka turimo dusuzumiraho raporo, inzego zagenzuwe ni 208. Raporo zavuyemo ni 255. Biba bisobanuye ko hari ibigo bimwe aba yaragenzuye imyaka ibiri ikurikirana cyangwa ibindi agashyiramo raporo zimbitse kugira ngo bijyemo.

Iya gatatu ni raporo z'ubugenzuzi bwimbitse yakoze cumi n'esheshatu (16), raporo zihariye z'ubugenzuzi bwimbitse.Yagenzuye mu mafaranga "budget" yari yatowe, yagenzuye amafaranga ya Leta yari yateganyijwe angana na miriyari ibihumbi bine magana cyenda na mirongo inani n'imwe y'amafaranga yagenzuwe akaba angana na mirongo cyenda na gatandatu ku ijana (96%).

Iyo twumvishe rero uwo mubare wagenzuwe no kujanisha bigeze kuri mirongo cyenda na gatandatu ku ijana ( 96%), birasobanura yuko raporo yarebye kuri byinshi kandi ko ibyibagiranye ari bikeya kandi no kugira ngo babihitemo ni uko nta “risks” biba bifite.

Ikindi ni uko umubare w’inzego zagenzuwe wagabanutseho gato kuko hari inzego zimwe zitagenzuwe nk’ibitaro, muzi umubare w’ibitaro dufite mu Gihugu ko ari byinshi ndetse na RSSB. Ibyo bitugaragariza ko ibyo bivuyemo urebye byonyine ubwabyo izo raporo zo kugenzura zariyongereye kandi n’ikigero cy’imari yagenzuwe cyariyongereye.

Ibyo tubona rero muri iyo raporo, tubona yuko ibyemezo byatanzwe n’Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta nyuma kugenzura muzi ko dufite hari bitatu hari raporo nta makemwa, tukavuga iyihanganirwa, tukavuga biragayitse. Hari iya kane twajyaga twongeramo iyitwa agahomamunwa ubu ntayo tukibona yavuyemo. Ubwabyo ni ikimenyetso yuko hari intambwe yatewe. Biracyaguma muri iriya nta makemwa, iyo bita kwihanganirwa na biragayitse.

Iyo turebye uko bimeze turabona yuko nta makemwa byagiye byiyongera, ubu ngubu ni mu bijyanye no kuzuza ibitabo by’ibaruramari ni mirongo cyenda na kabiri ku ijana ( 92%) mu bigo byagenzuwe. Byakwihanganirwa bikaba ari gatanu ku ijana (5%), biragayitse bikaba ari gatatu ku ijana (3%). Iyo nta makemwa zigeze kuri mirongo cyenda na kabiri ku ijana (92%) umuntu ntabwo yabura kwishimira yuko hari intambwe yatewe. Iyo turebye cyane cyane no mu myaka yashize ko byari ingorabahizi kugira ngo bagere no kuri mirongo irindwi ku ijana (70%).

Ku bijyanye no kubahiriza amategeko, nta makemwa byabaye mirongo itandatu n’icyenda ku ijana (69%), byakwihanganirwa bikaba makumyabiri n’icyenda ku ijana (29%), biragayitse bikaba ari kabiri ku ijana (2%).

N’aha rero iyo tubibaze, tukareba iyo dufite nta makemwa, tukagira byakwihanganirwa, iyo ari ukwihanganirwa mu Cyongereza bavuga “except for” ni akantu gato bakosora ibintu bikajya mu buryo ntabwo ari ibintu biteye ibibazo bikomeye.

Noneho rero indi ngingo ya 3 ni ukureba ese amafaranga yashowe yakoze ibyo yagombaga gukora? Noneho tubone ko mirongo itanu n’icyenda ku ijana ni nta makemwa, byakwihanganirwa ni mirongo itatu na kabiri ku ijana (32%), biragayitse ni icyenda ku ijana (9%).

Ibi rero biratwereka ishusho rusange yuko mu Gihugu cyacu mu bijyanye n’icungamari n’icungamutungo hari intambwe zatewe zishobora gutuma noneho abantu babisuzuma bakabirebesha ku bindi byerekezo yuko ubushobozi burahari, ubushake burahari iyo wubahiriza amategeko n’ubushishozi nabwo buba burimo iyo ubonye “value for money”.

Komisiyo rero yabibonye ite iyo tugiye mu isesengura? Nabivuze, muri “budget” yatowe ni miriyari ibihumbi bine magana cyenda mirongo inani n’imwe bingana na mirongo cyenda na gatandatu ku ijana (96%).

Nk’uko mubibona nyine ibyavuye mu bugenzuzi mirongo cyenda na kabiri ni nta makemwa, mu kubahiriza amategeko mirongo itandatu n’icyenda, ibi byose biratwereka ko inzego ziyongereye ko kandi raporo z’Umugenzuzi ziyongereye n’ingengo y’imari yagenzuwe yariyongereye

n’inzego zibona raporo nta makemwa zariyongereye bigatuma usubiye inyuma wavuga uti: “Hari imicungire irimo ijya mu murongo”.

Mu miterere rusange y’imicungire y’ingengo y’imari ibyagaragaye, ibigaragara turimo turabibona muri iriya “tableau” duhereye kuri 2018-2019 kugeza kuri 2020-2023. Icyo tubona turabona yuko amafaranga yakoreshejwe nta nyandiko ziyasobanura muri iyi myaka ibiri twageze kuri zeru. “Donc” ni ukuvuga ngo ibintu byose amafaranga y’u Rwanda impapuro ziraboneka mu bigo yagenzuye mirongo cyenda na gatandatu ku ijana (96%).

Ikindi tubona ni uko amafaranga yasohotse inyandiko ziyasobanura zidahagije, ageze kuri miriyoni magana atandatu mirongo irindwi n’esheshatu n’ibihumbi magana atatu na bitanu n’amafaranga mirongo itanu n’ane n’umwaka ushize yari make kurushaho miriyoni mirongo itatu n’ebyiri, ariko na byo iyo ukoze ukagereranya n’ibyari bihari muri 2018-2019, kandi ukareba na “budget” yariho ubona ko amafaranga yasohotse nta nyandiko ziyasobanura zidahagije ari makeya.

Ku mafaranga yasesaguwe muri 2018-2019 icyo gihe dutangira iyi “Legislature”, amafaranga yasesaguwe yari miriyari esheshatu na miriyoni ijana na mirongo cyenda n’umunani. Turabona yuko muri uyu mwaka 2022-2023, bigeze kuri miriyari imwe na miriyoni magana arindwi mirongo ine n’imwe magana atatu mirongo itandatu n’atanu ni ukuvuga ngo hari ibyamanutse mu bijyanye n’isesagurwa.

Hanyuma amafaranga yanyerejwe cyangwa yasohotse mu buriganya, iyo turebye imyaka itanu ishize yari miriyoni magana ane na cumi n’ebyiri n’andi asagukaho, ariko ubu ageze kuri miriyoni eshanu n’amafaranga ibihumbi magana cyenda mirongo ine na birindwi n’amafaranga magana arindwi mirongo inani n’ane. Murabona yuko amafaranga asohoka mu buriganya na yo yabaye make.

Ikindi twabonyemo ni uko kwishyura ibirenze “overpayment” kwishyura ibirenze ibyo bakomanze (commander), muri 2022 byari miriyari eshatu ariko umwaka ukurikiyeho byari byageze kuri miriyoni mirongo inani. Ibi rero ni uko amafaranga yasohotse inyandiko ziyasobanura zidahagije ayasesagurwaga n’ayishyurwaga ibirenze yaragabanutse muri ubwo buryo rusange.

Hanyuma ese ikindi kibazo twajyaga tugira ni ishyirwa mu bikorwa ry’inama z’Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta uko zikurikizwa. Yego kuva muri 2018 byari mirongo ine na gatanu ariko ubu bigeze kuri mirongo itanu n’icyenda. Ibi bikatubwira yuko nubwo bikiri hasi bwose bitaragera kuri mirongo itandatu ku ijana (60%) nk’uko byari biteganyijwe muri NST1, ariko turayegera kuri 59. Ni ukuvuga rero ngo ibigo bigenzurwa bisigaye byumva inama akamaro k’Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta mu bijyanye n’imicungire y’imari n’umutungo. Ibyo ni muri rusange ariko noneho tukita ku bijyanye n’imicungire y’imari n’umutungo mu bigo bya Leta bikora ubucuruzi n’ibigo binini bya Leta bidakora ubucuruzi.

Nyakubahwa Perezida twari tumaze igihe tubona hari ibigo byazaga buri gihe mu Nteko muri Sena, hari Ibigo bya REG, NAEB na RTDA bikomeje gutera intambwe nziza: 2022-2023 ko byabonye raporo nta makemwa mu kuzuza ibitabo by’ibaruramari no mu kubahiriza amategeko. Ubundi ibibazo byababaga bishingiye kuri ibyo ngibyo kandi muzi na “impact” iriho mu bijyanye no gukwirakwiza umuriro, mu Gihugu, ibihingwa ngengabukungu bijya hanze n’imihanda ituma

ubucuruzi no kubisaranganya no kubigeza mu Gihugu bikorwaho. Ni ukuvuga ngo ibyo bigo dukurikije izo “financial statements” no gukurikiza amategeko no gukoresha amafaranga, hari intambwe zatewe.

Urwego rwa kabiri hari REB, UR na RAB na byo byateye intambwe bibona raporo nta makemwa muri 2022-2023 mu kuzuza ibitabo by’ibaruramari, biva kuri raporo zigayitse zibona raporo zakwihanganirwa mu kubahiriza amategeko. Na byo ni ukuvuga ko ari intambwe ifite icyo yerekana ubushake n’umurongo ugomba gukurikizwa kugira ngo batunganye neza imicungire y’imari n’umutungo.

WASAC yateye intambwe ibona raporo yakwihanganirwa mu kubahiriza amategeko, ariko mu kuzuza ibitabo by’ibaruramari iracyafite raporo igayitse. Aha na ho ubundi muri ibi bya “audit” ibyoroshye ni ukubona “financial statement”, imicungire y’imari, ukuzuza impapuro ibyo biba byoroshye. Ni ukuvuga ngo harimo ibibazo bindi mu kuzuza ibitabo by’ibaruramari ari byo bifite raporo igayitse. Ni ukuvuga ngo harimo akandi kabazo bashobora gushakisha ariko bakayubahiriza mu bijyanye n’imikorere yabo ubwo ni ukuvuga ko ni intambwe nini bakoze. Aho twabonye hatagize impinduka ni muri “Rwanda Polytechnic” 2022-2023 kuko yo ifite raporo yakwihanganirwa nk’uko byari bimeze muri 2021-2022.

Nyakubahwa Perezida muri iyi myaka itatu, ine ishize, Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta yakurikiranye igenzura ry’Ibigo bya Leta bikora ubucuruzi n’ibigo binini. Mbere ubundi byaratangiye muri 2019 ari bwo yatangiye kubyitaho ibigo bya Leta bikora ubucuruzi.

Ubungubu dufite Ibigo bya Leta makumyabiri n’umunani (28) bikora ubucuruzi ariko yashoboye kugenzura ni makumyabiri na bibiri (22). Ikitugaragarira muri raporo yatanze ni uko ibigo bimwe byagize ibibazo byo kubona inyungu “profitability”, kunguka. Ubucuruzi bujyana n’urwunguko. Ubucuruzi bujyanwa no kuba uri muri “sytème” ya “finance” ushobora kwaka inguzanyo ukayikoresha kandi ugashobora no kuba wayishyura. Ni ubwo bucuruzi bushingiye kuri ibyo. Iyo urebye raporo igaragaza ko ahongaho bigifite ikibazo.

Ikindi kandi bimwe muri ibyo bigo by’ubucuruzi byagize ikibazo cyo kwishyura imyenda Leta yabafatiye bigiye gukora imishinga y’iterambere. Inguzanyo byafatiwe zikaba zingana na miriyari magana abiri mirongo irindwi n’eshanu na miliyoni magana atatu mirongo inani n’esheshatu magana arindwi mirongo irindwi n’umunani n’amafaranga magana ane makumyabiri n’atatu (275,386,778,423). Ni ukuvuga ngo ibyo bigo Leta yabifatiye umwenda ariko iyo ibifatiye umwenda ni ukuvuga ngo ibyo bigo biba biteganya ukuntu bizawishyura kuko Leta iyo ifashe umwenda na yo irawishyura. Ni ukuvuga ngo bagomba gukora ku buryo ibyo byunguka.

Muri aho rero icyo tubona ni uko impamvu zibitera ni uko muri ibyo bigo by’ubucuruzi ntabwo baragira uwo muco wo gucuruza. Ntibakora raporo za buri gihembwe zerekana uko ikigo gihagaze kandi ibi ni “mandatory” mu bijyanye n’amasosiyete ya Leta.

Ikindi cya kabiri, bimwe mu bigo ntibifite inama z’ubutegetsi ibindi inama z’ubutegetsi ntabwo zuzuye. Inama y’ubutegetsi ni rwo rwego rukuru rw’ikigo iyo rudahari hari uwihisha inyuma yuko rudahari kugira ngo ibikorwa bimwe ntibikorwe.

Ikindi cya gatatu ni uko kutagira igenamigambi ry'igihe kirekire no kutagira ubugenzuzi bwite muri bimwe mu bigo. Ibyo na byo birahari.

Muri ibyo byose nubwo ibibazo birahari, ariko uhereye igihe batangiye kubikurikirana imyaka itararenga itatu ubona hari intambwe irimo iterwa kandi birerekana mbere ya 2019-2020 ntabwo byigeze bigaragara muri raporo ya buri mwaka. Byatangiye kugaragara muri iyi myaka 2021-2022 byerekana ko nibikurikiranwa na byo bizatera imbere bizagera kuri "principe" ijyanye n'ubucuruzi yo kunguka, kubona amafaranga akoreshwa no kuba baguza bikaba "solvent".

Komisiyo irashima ko ibi bigo bitera intambwe mu kugira raporo nta makemwa mu kuzuza ibitabo by'ibaruramari.

Komisiyo twasanze ibigo Leta ishoramo imari bitera intambwe igana mu kunguka. Hakenewe gukomeza gusuzuma, gukurikirana no kugira inama buri kigo kugira ngo kinoze imikorere yacyo, kigere ku ntego yacyo.

Ibindi bibazo byatugaragariye muri iyi raporo ni ibijyanye n'ubukererwe bw'amasezerano y'imirimo n'ubwiyongere bw'amafaranga yo gukurikirana imirimo.

Nyakubahwa Perezida, twasanze muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ko amasezerano 66 afite agaciro ka miliyari 552 Frw yakererewe. Iyo ibyo bikererewe ni ukuvuga ngo iyo Leta yakoze ishoramari iba yifuza ko rigira "return" vuba nk'uko nk'uko yabiteganyije kugira ngo ibyo yateganyije byose bigende. Ni ukuvuga ngo gukererwa rero kw'amasezerano ni ugushaka inzira yo kubibonera ibisubizo.

Ikindi cya kabiri ni uko amasezerano atanu yo gukurikirana ubwubatsi yongerewe igihe n'igiciro kingana na miriyari esheshatu na miliyoni magana abiri na mirongo itandatu.

Amasezerano atanu yongerewe igihe, yongera n'igiciro bisobanura ngo igihe cy'inyigo ntabwo bari bageze aho bumva ko kizakorwa ngo birangire neza. Ni ukuvuga ngo ni za "avenants" za zindi zituma amafaranga ku gikorwa cyateganyije yiyongera.

Ikindi kandi ni uko hari n'igenamigambi ritanoze n'amasezerano. Ikibazo cyo gukora za "contracts" zigasobanuka, "responsabilités" zikaba zizwi n'igihe zikorerwa na byo harimo akazi ko gukora kugira ngo za "contrats" kandi zinogere "les parties" zose yaba ari Leta yatanze amafaranga nuwabonye isoko bose bahuze kugira ngo bazajye bakorana nta bibazo byinshi bihari.

Muri ibyo bibazo byagaragaye hari imitungo ya Leta idakoreshwa. Hari imitungo mirongo inani n'umunani yo mu nzego mirongo ine n'icyenda ifite agaciro ka miriyari mirongo itatu na zirindwi idakoreshwa. Murumva imitungo ihari idakoreshwa udashaka kugira ngo uhindure no gufata icyemezo cya vuba kugira ngo iyo imitungo ikoreshwe. Niba byabindi babiteganyije baribeshye ariko barebe uko bakora "conversion" bikagira akandi kamaro.

Ibyo na byo ni mirongo inani n'umunani mu nzego mirongo ine n'icyenda ni ukuvuga ko birimo akabazo kuko bituma Leta igira igihombo. Kuba bari kuyibarura rero ni ngombwa, idakoreshwa igahabwa inzego zaba ziyikeneye cyangwa tugakuramo imitungo itagikeneye gukoreshwa ikagurishwa.

Ikindi kibazo gikomeye cya gatatu twabonye ni ibirarane by’imisoro itishyurwa.

Nyakubahwa Perezida, yego twasanze muri uyu mwaka urangira muri 2023 hari ibirarane by’imisoro bingana na miriyari magana atandatu mirongo itandatu n’eshanu n’andi mafaranga yiyongeraho. Ariko ni ukuvuga ngo “Rwanda Revenue Authority” yari yarashyizeho “targets” ayo yavuze yayagezeho ariko ariya ntiyinjiye. Ayo yateganyije yarinjiye ariko ni ukuvuga ngo havuyeho miriyoni magana atandatu mirongo itandatu n’eshanu y’ibirarane. Iyo tubona ibyo birarane hari muri Leta no mu nzego z’ibanze.

Ni ukuvuga ngo harimo ikibazo cyo gutekereza neza impamvu ibyo birarane bibaho. Tuzi ko mu Gihugu cyacu abantu iyo tunakompaye (comparer) n’ibindi amafaranga Leta yemveshitishije (investir) ibikorwa yemveshitinzemo (investir) turabibona. Abanyarwanda barabikangukiye kuko barabizi. Ntitwavuga rero ngo ni Abanyarwanda yego umusoro uraryana, ariko ukurikije akamaro umusoro ugirira Igihugu n’ibikorwa tubona bikorerwa mu Rwanda ntabwo uba wumva ko makumyabiri ku ijana by’ibirarane ndumva byaba ari byinshi. Ni ukuvuga ngo ni ukureba neza icyo kibazo cy’ibirarane abantu bakagishakira n’ibisubizo kuko ntabwo byaba byumvikana ko bikomeza kumera kuriya.

Ni yo mpamvu dukeneye gukomeza kunoza igenamigambi ryo gukusanya imisoro no gusuzuma uko ibintu byavugururwa muri politike y’imisoro kugira ngo ibyo birarane bizagabanuke.

Nyakubahwa Perezida, turabibashimira hari n’ahandi twabonye ibibazo bijyanye na gahunda yo guteza imbere amarerero y’abana bato. Turashima ko raporo yimbitse “Commission sociale” yayikoze, twasanze rero ari ngombwa kubishyiramo n’ibibazo bigaragaramo ni ibijyanye n’uko hari icyuho mu gutegura ibikorwa by’amarerero. Hakaba hari ukudakora isuzuma ry’ibikenewe mbere yo gutangiza amarerero, hakaba hari imbogamizi zigaragara mu gushyira mu bikorwa gahunda y’amarerero.

Ikindi kigaragara ni uko serivisi z’uburezi zidatangwa ku buryo buhagije, hari serivisi z’imirire zidatangwa nk’uko bikwiye, hari ikibazo cy’isuku n’isukura bidahagije, hari ikurikiranabikorwa ridakorwa mu marerero n’imikoranire itanoze mu bafatanyabikorwa.

Ibyo rero ni ukuvuga ngo dukurikije “proposals”, ibitekerezo byagiye bitangwa ni ugushyiraho uburyo bunoze bw’imikoranire y’inzego zifite uruhare muri gahunda y’amarerero, ibyiciro by’amarerero yose bikwiye gufatwa kimwe: byagaragaye ko akorera mu ngo adafite abayitaho bahuguwe n’ibyangombwa bikenewe, gusuzuma uko hashyirwaho agahimbazamusyi kagenerwa abita ku bana mu marerero.

Tujya ku musozo rero, Nyakubahwa Perezida, ni uko mu mwaka 2022-2023 turasanga haratewe intambwe mu micungire y’imari y’umutungo wa Leta tugereranyije 2020-2019-2018.

Guhitamo igereranyo ry’ibyo ngibyo na byo bifite “sens” ni uko iyi “legislature” ari bwo yatangiye, ni ukuvuga ngo ese muri iyi myaka igiye kuba itanu ibyo twabonye ni ibihe?

Icyo tubona ni uko raporo zigenzurwa raporo ziva mu bugenzuzi n’ingengo y’imari igenzurwa, inzego zibona raporo nta makemwa byariyongereye. Twari twabivuze.

Ikindi cyabonetse kandi gikwiye no kwishimirwa ni uko Uturere 25 bingana na (92.5%) twabonye raporo nta makemwa mu kuzuza ibitabo by'ibaruramari, mu gihe nta Karere na kamwe kayibonaga mu 2018-2019.

Impamvu mu rwego rw'Akarere twasaga n'aho dushyiramo kugira ngo abantu babyumve, ni ho bavugaga ko bafite ikibazo cy'abakozi bake, icy'abakozi badafite ubushobozi, ikibazo cya "encadrement", ariko biravuga biti: "Mu myaka ine ibaye Igihugu cyihaye kugira ngo kibikore ibintu byinshi byahinduka." Niba mu Turere byarashobotse, tuzi ko muri 2018-2019 gusoma raporo y'Akarere kwari ugusoma raporo ya biragayitse, biragayitse, biragayitse ugasanga rimwe na rimwe uvuga uti: "Ni ibintu bidashoboka." Ariko ubu birerekana, dukurikije kuba byarashoboye kubona raporo nta makemwa, ntekereza yuko koko ni ikintu gikomeye Igihugu cyacu cyagezeho.

Twabivuze iyo bigenda biva muri "discours" y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ijambo ryitwa agahumamunwa ntabwo tukirisanzemo.

Ikindi kandi ni uko nta mafaranga ya Leta yasohotse hatari inyandiko ziyasobanura. Twabibonye. Ni ukuvuga ngo ifaranga rya Leta ushobora kurikurikirana, ukareba impapuro, ukabona impapuro ukabona dosiye yaho aho biri hose.

Ikindi tubona ni uko ubugenzuzi bwimbitse n'ubw'ikoranabuhanga bwariyongereye kandi bwagizwemo uruhare n'inzobere zitanga inama zikumira amakosa. Ibi ni intambwe yindi yatewe yo kugira ngo uretse impapuro gusa no gukurikiza amategeko ariko umuntu barebe n'impamvu zirimo zituma ibibazo biboneka raporo ubugenzuzi bwimbitse zikaba ari ho zidufashiriza.

Mu musozo rero, Nyakubahwa Perezida, Komisiyo turashima ko Biro ya Sena yagejeje kuri Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta kuri gahunda zikomatanyije zo guteza imbere amarerero y'abana bato.

Komisiyo iratanga "proposal" yuko isanga uwo murongo ukwiye gukomeza kuri raporo z'ibihe bizaza ku bugenzuzi bwimbitse n'ubwihariye kugira ngo bifashe za Komisiyo za Sena zirebwa na bwo kugira ngo amakuru akubiyemo azifashe mu nshingano zabo.

Ikindi cya kabiri ni uko Komisiyo yashimye ko mu gihe imaze isesengura raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yagize umwanya mu kungurana ibitekerezo na we, na bimwe mu bigo bya Leta binini n'ibikora ubucuruzi bikaba byaratumye irushaho gusobanukirwa ubugenzuzi bukorwa no kugira inama ibyo bigo bikaba byaragize uruhare mu kunoza imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

Ibiganiro nk'ibyo bikwiye kuzakomeza mu gusuzuma raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta bikazajya binaha umwanya abagize Inteko ya Sena kuba bashobora gusobanukirwa neza ibibazo biri muri izo nzego hanyuma bagatanga inama bashingiye kuri za "facts" zigaragara.

Ibyo tubona rero bikwiye gukomeza kwitabwaho ni ugushyira imbaraga mu gusuzuma, gukurikirana no kugira inama ibigo bya Leta bikora ubucuruzi kugira ngo birusheho kugera ku ntego yo kuzamura ubukungu bw'Igihugu no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage, kunoza imiyoborere y'ibigo bya Leta bikora ubucuruzi hashyirwaho Inama z'Ubutegetsi aho zitari no

kuzuza izituzuye, gukemura ikibazo cy'imitungo yose ya Leta idakoreshwa ikabyazwa umusaruro, kunoza igenamigambi rya gahunda yo guteza imbere amarerero y'abana bato.

Umwanzuro rero, Komisiyo isanga intambwe imaze guterwa mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta ishimangira iyubahirizwa ry'amahame remezo Leta y'u Rwanda yiyemeje kugenderaho no gutuma yubahirizwa nk'uko ateganywa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda cyane cyane iryo kubaka Leta igendera ku mategeko n'iryo kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo.

Komisiyo rero ivuga ko izakomeza gukurikirana uko ibibazo bikigaragara mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta bibonerwa ibisubizo, binyuze mu gushyira mu bikorwa inshingano zayo.

Murakoze Nyakubahwa Perezida.

**Perezida wa Sena, Dr KALINDA François Xavier**

Urakoze Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo kuri raporo mugejeje ku Nteko Rusange.

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri, nyuma yo gukurikirana iyi raporo Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari itugejejeho, uyu ni umwanya wo kuba habazwa ibibazo cyangwa se hagatangwa ibitekerezo bityo tukaba dufunguye "liste" ya kabiri.

Abasabye ijambo kuri lisiti ya kabiri hari Senateri NIYOMUGABO Cyprien, Senateri UWERA Pélagie, Senateri MURANGWA Hadija, Senateri MUKAKARANGWA Clotilde, Senateri BIDERI John Bonds na Senateri HAVUGIMANA Emmanuel.

Ijambo ni irya Senateri NIYOMUGABO Cyprien.

**Senateri NIYOMUGABO Cyprien**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa ijambo. Nagira ngo ntangire nshima Komisiyo uburyo itugejejeho raporo kandi n'uburyo yayisesenguye neza mu buryo ubona harimo ubushishozi n'ubuhanga. Icyo nagira ngo ngihereho.

Icya kabiri nshaka kuvuga na bo bakivuze, ni uko ku birebana n'amashuri makuru nka Kaminuza y'u Rwanda ndetse n'Ishuri Rikuru ry'Ubumenyi ngiro (Rwanda Polytechnic) muzi ko mu myaka yashize hajyaga haza agahomamunwa, haza iki, ariko mwabonye rwose ko berekanye ko muri raporo ya 2022-2023 raporo ari nta makemwa.

Ibi rero ntabwo byapfuye kwizana bifite aho byaturutse, kandi aho byaturutse ni ku miyoborere myiza y'Igihugu cyacu ireba ibikwiye gukorwa kugira ngo inzego zikore neza. Amavugururwa Guverinoma yatangiye muri Kaminuza y'u Rwanda yegeranya amashami yayo yari hirya no hino atandukanye ubu akaba agiye gushyirwa muri za "Collèges" zigisha ibintu bimwe izi zikaba ziri ahantu hamwe hazwi ndetse n'imicungire yayo ma "Collèges" ikanozwa.

Icyo ni ikintu gikomeye cyane, cyane cyane ko hanashyizweho hari ayo mavugururwa ariko hari mu rwego rw'amategeko hari itegeko na ryo ryavuguruwe bituma ibyo byose bishoboka. Ibyo ngibyo rero bikazagira inyungu ikomeye cyane kuko hazabaho uburyo bw'imikorere yoroshye, binatume bifasha kubona ibikoresho ku gihe, kuzamura n'ireme ry'uburezi cyane cyane no gukoresha imikoreshereze myiza y'ingengo y'imari izahita iboneka.

Ikindi iyo urebye hazaboneka ari ayo mavugururwa, ari iryo tegeko, iyo ubisomye neza usanga muri kaminuza y'u Rwanda n'ishuri rikuru ry'ubumenyi ngiro hazaboneka n'ikintu cy'uburenganzira busesuye, busesuye nyine ni ukurivuga ariko bitavuga ko umugenzuzi w'imari atagomba kugira. Nibura busesuye mu byo gutanga amasoko no gukurikirana by'umwihariko amasoko yo kugura bimwe mu bikoresho byifashishwa mu myigire no mu myigishirize no gukora ubushakashatsi. Cyane cyane ko uko itegeko ryari rimeze mbere rwose wasangaga nta bwinyagamburiro ayo mashuri makuru afite ku buryo byanatumaga rimwe na rimwe n'uburyo bwo kwigisha butanoga neza ndetse bikavuna n'abayobozi kubera uko amakoreji yari hirya no hino, ndetse za "Schools" ahantu hatandukanye kandi byose bigomba guca ahantu hamwe gusa ku cyicaro gikuru.

Ibyo byose nkumva ari ikintu Guverinoma y'u Rwanda yakoze kizatuma, ndabyizera kandi bizashoboka uko iminsi iri imbere kaminuza y'u Rwanda n'ishuri rikuru ry'ubumenyi ngiro bizagira raporo nta makemwa. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Senateri NIYOMUGABO. Ijambo ni irya Senateri UWERA.

**Senateri UWERA Pélagie**

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa ijambo. Ndashimira Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari kuri raporo yatugejejeho. Ndashima kandi ibipimo bigaragara ko bigenda bizamuka mu bijyanye no gukoresha neza umutungo w'Igihugu cyacu. Birakomeza gushimangira ibijyanye no gukorera mu mucyo ariko no kubazwa ibyo abantu bakora bityo bitaguma ibyinshi byitabwaho.

Muri raporo ya Komisiyo hari ibyo bagiye bagaragaza byiza bishimwa kandi natwe koko tubona dukwiriye gukomeza kubishima. Hari n'ibyo bagaragajeho kandi na none bikirimo intege nkeya abantu babona ko bikwiye kwitabwaho.

Hari icyo umuntu abona cyashyirwamo imbaraga, nk'ikijyanye no kuba tugifite aho tugaragaza ko nta mafaranga ya Leta aba yarasohotse hatari inyandiko ziyasobanura, ariko hirya ku ruhande ukaza gusanga muri ya mafaranga dufite amafaranga bigaragara ko arasesagurwa ndetse andi akaba yishyurwa ibirenze ibyagombaga kwishyurwa.

Aha umuntu abona ko ibijyanye n'izi nyandiko zisobanura amafaranga bikwiye kurushaho gushyirwamo imbaraga ntibibe gusa kuza gusobanura ariko ngo tuzabone n'iki cyuho cy'uko inyandiko zari zikoze neza zasobanuraga neza ariko tuzasange hari amafaranga yagiye asobanurwa yarasobanuriwe ko yasesaguwe cyangwa ko yishyuwe ibirenze ibyagombaga kwishyurwa.

Bikaba byashyirwamo imbaraga kugira ngo na ziriya miriyoni twabonye ahubwo zibe zitagaragara ahubwo tube dushakira ibibazo ahandi.

Mu bijyanye na none n'ibyo gutanga amazi, bikwiriye kurushaho kujyamo imbaraga nk'uko babivuga gukoresha imiyoboro mishya. Ubu umuntu n'abakurikira, nkunda gukurikira kuri "twitter" cyane ubona abaturage baba bakunze kugaragaza ikibazo cy'ibura ry'amazi wenda turi mu gihe cy'izuba ku buryo ikigo kibishinzwe cyakoresha inama Komisiyo irimo itanga kugira ngo amazi aboneke cyane cyane no muri ibi bihe by'impeshyi abaturage be gukomeza kubura amazi. Hariho isaranganya ry'amazi ariko iyo nta mazi ibintu byinshi uba ubona byahagaze.

Ikindi nishimiye ni ubugenzuzi bukumira bukwiriye kurushaho gukorwa kenshi kandi kare muri buri cyiciro kugira ngo ibyagaragara hakiri kare uku gukumira bitume amakosa yagabanuka.

Numva rero uru rwego rukwiriye kongererwa ubushobozi mu bice byose, ariko ubugenzuzi bukumira bukarushaho gukorwa kuko ni byo bizatuma turushaho kubona za raporo zinoze kandi n'umutungo ukarushaho kwitabwaho kugira ngo udakoreshwa wangiritse mu gihe bitaragaragara ariko igihe hakozwe ubugenzuzi bukumira n'inama zigatangwa hakiri kare. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Senateri UWERA. Ijambo ni irya Senateri MURANGWA.

**Senateri MURANGWA Hadija**

Murakoze cyane Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa ijambo. Nshima nanjye Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari kuri raporo itugejejeho kandi ifite amakuru menshi kandi ishoboye kutugezaho mu mwanya muto kandi tukabona amakuru menshi. Raporo ni nziza turayishima.

Nanjye ndashima ku bijyanye na raporo y'Umugenzuzi Mukuru aho tugeze nk'Igihugu. Kuba tugeze kuri mirongo cyenda na kabiri aho Abanyarwanda mu nzego zitandukanye zijyanye n'izo "Auditor General" agenzura ni ukuvuga ngo ni Ibigo bya Leta. Kuba kuri 92% buzuza ibitabo by'ibaruramari ni byo n'ubundi biduha isura nziza tubona y'ibyo tugenda tugeraho. Hari ibyo tubonesha amaso nk'Abanyarwanda bijyanye n'iterambere, ariko mu by'ukuri ririya terambere nyamara hano ni ho ruzingiye ni ukuvuga ngo iyo ibaruramari rigenda neza, kuzuza ibitabo by'ibaruramari, kubahiriza amategeko mu bucuruzi ni ryo terambere natwe tubona hano. Ni icyo nashakaga kuvuga.

Hanyuma ku bijyanye no kuba tumaze kugera ku rwego rw'aho amafaranga anyerezwa ari munsi ya miriyoni eshanu ibi bintu ni ukuri ni ibyo kwishimirwa cyane. Ni ukuvuga ngo iyo urebye umubare w'umwaka ushize ni miriyoni zirenze ijana na mirongo itandatu n'icyenda yanyerejwe none ubu tukaba turi kuri gatanu n'ibice icyenda, miriyoni eshanu ni ibyo kwishimira cyane kuko biratanga icyizere cy'uko aho twatekerezaga yuko bipfira mu kuba abantu banyereza umutungo wa Leta nyamara iyi sura iratwereka ko ikibazo cyakemutse ko ibisigaye ari bike cyane kandi ko tujya imbere bizaba byakemutse burundu.

Hanyuma ku kijyanye n'inama z'Umugenzuzi Mukuru, kuba tugeze kuri mirongo itanu n'icyenda (59%), hano ibibazo babitubwiye hari aho badafite Inama z'Ubutegetsi, hari aho wenda ibyo basabwa biba byatinze gushyirwa mu bikorwa kubera "budget" zidahari, hari n'aho dutekereza ko ubushobozi bujyanye noneho na ba bakozi bagomba gushyira mu bikorwa izi nama wenda bataraboneka. Njye ni izo mpamvu ntekereza ariko babitubwiye.

Hari n'aho ubugenzuzi bwite buba buri imbere mu kigo buba butarakora neza nk'uko babitugaragarije kandi tukemera yuko bikwiriye kunozwa kugira ngo birusheho kugenda neza.

Yari yabivuzeho na Honorable mbere yanjye ikijyanye na "monitoring and evaluation" ko ari cyo kizaha imbaraga n'ubundi gushyira mu bikorwa ibyo bashinzwe muri izi nzego.

Nashakaga kugaruka ku kijyanye n'imisoro, hano ibirarane by'imisoro turabona ko birimo kuzamuka cyane, nari nshatse kugira ngo mbaze bagenzi bacu muri Komisiyo wenda batugaragarize muri make ibisobanuro bagiye bahabwa kuri iki kibazo, kuko urabona ko kirimo kirakura. Cyateye intambwe kurusha uko cyari kimeze mbere.

Kuba tugeze kuri miriyari magana atandatu n'eshanu mu myaka ibanziriza byari munsi ya magana ane biteye impungenge. Akaba ari yo mpamvu nari ngize ngo mbaze wenda badufashe turusheho gusobanukirwa birapfira hehe? Kuki mu misoro bitarimo gutungana? Yego "Revenue" batubwiye yuko igera kuri "target" iba ishaka kugeraho, ariko n'ayangaya mu by'ukuri yari akwiriye kuba ari muri ariya ayo baba barabonye, byaba byiza rero abantu barushijeho gusobanukirwa impamvu. Murakoze cyane.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze MURANGWA. Ijambo ni irya Senateri MUKAKARANGWA

**Senateri MUKAKARANGWA Clotilde**

Murakoze Nyakubahwa Perezida kumpa ijambo. Ndashima raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta. Ni ukuri ni raporo isesenguye kandi ikoze neza, ariko nashima n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta uburyo bwashyizemo imbaraga kugira ngo ibibazo byagiye bigaragara mu myaka yashize bigende bikemuka. Kuko nk'uko abatugejejeho raporo babivugaga ibyari agahomamunwa byari byinshi ubu none agahomamunwa ntabwo tukikabona n'ibyo gushimirwa.

Ndagaruka hari icyo mugenzi wanjye umbanjirije avuzeho ni cyo nashakaga kuvugaho, ariko kijyanye n'ibirarane by'imisoro , ariko jyewe ndabanza no gushima inama yatanzwe na Komisiyo igaragaza ko hakwiye kunozwa igenamigambi ryo gukusanya imisoro mu Gihugu ndetse no gusuzuma ibikwiye kuvugururwa muri politike y'imisoro ku rwego rwo gukumira ibirarane by'imisoro.

Ariko na none nkurikije izi nama zatanzwe nibajije ngo ubwo ndunga mu ryo umbanjirije, mu gusesengura niba izi nama koko zishobora gusubiza iki kibazo bitewe n'impungenge Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta agaragaza ko icyizere cyo gukusanya ibirarane by'imisoro ari gitoya. Nkagira ngo muze kudusobanurira mu by'ukuri niba izi nama Komisiyo yatanze zishobora kugabanya ibirarane by'imisoro.

Ariko na none nkavuga nti: “Mu bijyanye n’imisoro buriya ibirarane nk’uko binasobanuka muri raporo bituruka mu bintu byinshi. Icya mbere kirimo ni uko umuturage cyangwa usora yihutira gukora “déclaration” ariko kwishyura ntiyishyure. Ibyo ngibyo ni byo bintu bigenda bigaragara. Hanyuma mu gukora “déclaration” bimurinda “amende”. Iyo badekaraye “amende” aba makeya ariko hari utundi tugenda tujyaho. Nkibazaga nti: “Ese muri iyi politike ni ibyo bazarebaho mu by’ukuri kugira ngo, ni byo umuntu adekarare ariko anishyure. Numva ari cyo kinini kirimo. Ndetse no mu bijyanye na “audit” iyo habaye “audit” hakaba amafaranga yaciwe bijyanye n’ibitarujujwe na byo babishyira muri “système” umuturage akaba adafite amafaranga yo kwishyura ku gihe bigatuma bigenda bigaragaza ibirarane.

Ariko na none mu gusoza nkavuga nti: “Nubwo bigaragara ko ibirarane by’umusoro bigenda byiyongera, njye ntabwo navuga ko byiyongera kubera ko uko imyaka igenda ikura ni ko abasora na bo bagenda baba benshi noneho muri kwa gusora bagenda baba benshi wenda hakabamo benshi badekarara (déclarer) ntibishyure.” Nkavuga ngo rero mu by’ukuri hagombye kubamo n’ubunyangamugayo no kwiyemeza mu gihe umuntu afite ubucuruzi akagerageza kwishyurira ku gihe no gusorera ku gihe. Ngira ngo ni byo umuntu yakwitaho kurushaho.

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Senateri MUKAKARANGWA. Ijambo ni irya Senateri BIDERI.

**Senateri BIDERI John Bonds**

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa ijambo. Nagira ngo mfate uyu mwanya na njye nshimire Komisiyo kuri raporo nziza yasesenguye neza itwereka isura intambwe ibigo bya Leta bigenda bitera mu gucunga umutungo n’imari bya Leta. By’umwihariko nshimire intambwe rwose yatewe n’Uturere muri rusange kuko mu bihe byashize wabonaga ko raporo z’Uturere zidashimishije na gatoya. Nk’uko babisobanuye nyine ibibazo wenda byari ubushobozi buke, abakozi bake, ariko kubona Uturere twose tubona raporo nta makemwa ni ibintu twakwishimira.

Ndagira ngo nanone nshimire ibigo bikora ubucuruzi byavuye kuri raporo nta makemwa muri 2021 kugera 2022 byari kuri 41% ubu bikaba bigeze kuri mirongo irindwi na karindwi n’ibice bibiri ku ijana (77.2%), ni intambwe igaragara yatewe.

Ibi rero icyo bishatse kuvuga ni uko muri rusange twavuga yuko ingeso yo gusesagura imari n’umutungo bya Leta iragenda icika. Ni ibintu twakwishimira cyane.

Hanyuma ikindi ni uko ubushobozi bw’inzego za Leta n’Ibigo bya Leta mu gucunga imari n’umutungo bya Leta biragaragara yuko ubwo bushobozi bwagiye bwiyongera. Na byo ni ibintu twakwishimira cyane biragaragaza “investment” Igihugu cyacu cyashyizemo kugira ngo ubushobozi bwubakwe kugira ngo imari icungwe neza .

Ikindi ni uko twanavuga ko umuco wo gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano biragenda na byo bitera imbere, nk’uko tubizi ni politike y’Igihugu cyacu kubona ibi bigenda bijya muri iyo “trend” ni ibintu twakwishimira cyane.

Ikindi na none ni uko politiki na gahunda zo kurwanya ruswa mu nzego za Leta na zo ziragenda zishinga imizi. Ibyo byose ntekereza ko ari ibintu twakwishimira nk'Abanyarwanda kubera yuko biduha icyizere cy'uko ubukungu bw'Igihugu cyacu buzakomeza kuzamuka mu myaka iri imbere kubera gukoresha ingengo y'imari neza, kwirinda kuyisesagura, kuyizanamo uburiganya nk'uko babitubwira. Ibi bizatuma twubaka Igihugu gifite ubushobozi, gifite ubukungu buhagije, bizanatuma imibereho myiza y'abaturage izamuka ndetse na gahunda zo kurwanya ubukene zikanagera ku cyerekezo twifuza kuganamo.

Ikindi na none twavuga ni uko n'icyizere abaturage bafitiye inzego za Leta n'ubuyobozi na cyo kizakomeza. Kubera gukoresha umutungo w'Igihugu neza, ariko no gutanga serivisi zinoze ku baturage bose.

Ibi rero ntekereza ko ari ibintu twakwishimira muri rusange.

Nkaba nagira ngo nsoze mvuga ko inama Komisiyo yatanze nanjye ndayishyigikiye yuko hakwiriye gukomeza ingamba zo kunoza imicungire y'imari n'umutungo bya Leta cyane cyane ahakigaragara intege nkeya nk'ibigo bimwe na bimwe bahoze batubwira. Ntekereza ko izo mbaraga zishyizwemo, amaherezo tuzagera ku icungamutungo rinoze ku buryo amafaranga agenda asesagurwa cyangwa akoreshwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko azagenda agabanuka mu buryo bugaragara.

Ibi rero nkaba ntekereza yuko bizatuma twubaka Igihugu kigendera ku mategeko nk'uko babivuze, ariko n'abaturage babigirire icyizere n'inzego za Leta kuko ni ibintu by'ibanze, ni ibintu bikenewe cyane kugira ngo abaturage bishimire ubuyobozi bwabo ndetse n'inzego za Leta.

Nyakubahwa Perezida wa Sena ni iyo "contribution" nagira ngo ntange nongera gushimira Komisiyo kuri raporo nziza batugejejeho n'inama batanze. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Senateri BIDERI. Ijambo ni irya Senateri HAVUGIMANA.

**Senateri HAVUGIMANA Emmanuel**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa ijambo. Nanjye nsabye ijambo nshaka gushima raporo iyi Komisiyo yatugejejeho. Birashimishije cyane ibyo mvuga ni ibyo bagenzi banjye bambanjirije benshi bagiye bavuga. Nari ngiye gukuraho ijambo ariko nsanga no kubishimangira na byo nsanga ntacyo bitwaye kuko ni hake n'iyo umuntu arebye ibyo asoma hirya no hino mu Gihugu ubona amafaranga ya "budget" ya mirongo cyenda na kabiri ku ijana (92%) ashobora gusobanurwa neza icyo yakoreshejwe kandi ibyo ntabwo byikora hari impamvu.

Impamvu ni gahunda nziza Leta yacu yafashe cyane cyane buriya ikintu cya mbere mbona gifitemo uruhare ni ukurwanya ruswa. Kuba ruswa isa n'aho itakibaho, yego burya ntabwo abarundi ni bo baca umugani ngo: "Nta mwonga ubura isato iba idahizwe." Ni ukuvuga ngo nta kabande kaburamo uruziramire uba utaruhize.

Ni ukuvuga hariho bake, batatu, bane, batanu ku ijana bashobora kuba bakirya ruswa ariko iyo ugereranyije n'ibindi bihugu bya Afurika ukareba na "classement" y'Igihugu cyacu mu byerekeranye no kurwanya ruswa usanga bishimishije. Usanga bishimishije kubera ko ariya mafaranga Leta ubundi akunda kuburira mu bintu byo kuyakoresha ibintu bitateganyijwe cyangwa se ugasanga abayashinzwe barayanyereje bayashyize mu mifuka yabo nta kintu ashoboye kumarira abaturage.

Rwose ni ibintu bishimishije, ndabona Igihugu cyacu cyifitiye umurongo mwiza kandi tukibuka murabizi namwe ababanjirije "Auditorat Général" ni ukuvuga abari bayoboye iriya "Auditorat Général" mbere, imbaraga babishyizemo mu kwigisha no kuza kubisobanurira aha ngaha n'ariya magambo y'agahomamunwa muribuka ko ari bwo yatangiye kuvugwa, none agahomamunwa ubu kakaba karagiye ni ibyo kwishimira.

Nta kibazo gikomeye mfite, icyo nashakaga kubaza ni kiriya cyerekeye ubukererwe bwo gutanga umusoro abambanjirije bakibajije. Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr KALINDA François Xavier**

Urakoze Nyakubahwa Senateri HAVUGIMANA. Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo mwakongera mugafata ijambo kugira ngo mutange ibisobanuro ku bibazo ba Nyakubahwa Basenateri babajije ndetse mugire n'icyo muvuga ku bitekerezo bagiye batanga. Ijambo ni iryanyu.

**Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, Senateri NKUSI Juvénal**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena. Nagira ngo mbanze nshime bagenzi bacu bashimye iyi raporo twakoze n'amagambo babivuzemo natwe turabashimiye kandi natwe biradushimishije.

Ku bitekerezo Honorable NIYOMUGABO yatugejejeho atanga urugero kuri Rwanda Polytechnic, ni byo koko na yo iri muri "trend" yo kugenda ibyempuruvinga (to improve). Ariko iyo ugiye mu mateka yayo y'imyaka yashize yatumaga biriya bibazo bibaho, ariko iyo habaye "change" muri "policy", mu mikorere no mu ki ibintu birahinduka kuko biba bigaragaza yuko hari ubushake Igihugu gifite bwo kugira ngo ibintu bikorwe neza kandi bikorerwe igihe.

Nkumva rero rwose ziriya "réformes" bakoze zizagira akamaro. Abayobora ariya mavugururwa bazumve ko ziriya "réformes" zakozwe biri mu biganza byabo. Ni ukuvuga ngo ziriya "autonomies" basaba, iriya miyoborere ya za "Collèges", ibyo byose bumve yuko ari bo bafite "responsabilité" ya mbere yo kubikora. Niba mbere amategeko atarabahaga ubwinyagamburiro, ni ukureba neza niba hari ubushake bwo kugira ngo byibura bivane mu bwinyagamburiro mu nzitizi bari bafite ariko ubu barabisabye Leta yarabitanze ahasigaye tugomba kubareba ku byo bazaba bagezeho.

Ni byo bisigaye, nk'uko mwabivuze kandi ni ireme ry'uburezi bazaba batanga kuko icyo gihe iryo reme ry'uburezi baha abanyeshuri ni ho twazavuga ngo turungutse, Igihugu kirungutse kubera ko abasohotsemo baba bafite ubushobozi bwo gukorera Igihugu.

Ku bitekerezo bya Honorable UWERA, ni byo koko iyo turebye gukontorora (contrôler) mirongo cyenda na gatandatu bya “budget” y’Igihugu hasigara kane ku ijana (4%). Sinzi bavuga “excellence” harya? Iyo umuntu ageze ku ijana ku ijana aba ari “excellence” nta kindi gisumbye “excellence”? Kuko uba wageze kure, ufite mirongo cyenda na mirongo inani ntuba ufite “excellence”? None se ugeze kuri 96 wamuha iki? Abahanga mu gucura amagambo muzabishake kugira ngo nitujya tuvuga gushima hejuru ya mirongo cyenda ku ijana bavuze ngo indashyikirwa.

Ibyo byose ni ukubishakira ijambo kugira ngo tujye tubikoresha. Mirongo inani ku ijana ni “excellent”, ariko na none hari abandi udafite icyo wongeraho kuko nta jambo ufite unaniwe kuvuga “excellence” ukabura ijambo ese ni ukuvuga ngo iki? Nabuze icyo mbivugaho ariko noneho ni ugushaka uko tuzajya tubivuga kugenzura mirongo cyenda na gatandatu ku ijana by’amafaranga y’Igihugu, ya “budget” y’Igihugu ntabwo bisanzwe. Ntabwo bisanzwe no mu bihugu byinshi bya bindi tuvuga dushyiraho “reference”, tuvuga ngo ni bo bateye imbere ntabwo babigeraho. Iyo bageze kuri mirongo inani ku ijana (80%) baba bakoze ishyano kuri “excellence” yabo.

Ni ukuvuga rero kandi bagashima yuko gusesagura yego na za “overpayment” ni byo birahari, erega iyo bavuze gusesagura, gusesagura burya bifite “sens” yindi. Ni ukuvuga ngo yapfushije ubusa amafaranga ya Leta. Uwayapfushije ubusa aba afite “responsabilité” yishe.

Iyi raporo y’Umugenzuzi w’Imari ya Leta yohererezwa Inteko Ishinga Amategeko, ikohererezwa n’izindi nzego zifite ububasha n’inshingano zo gukurikirana ari Urwego, ari umuntu wasesaguye, ari umuntu wanyereje, ari umuntu wakoze ibyo byose. Ni ukuvuga ngo ibi ngibi izindi nzego zibifite mu rwego rw’ubutabera zigomba kubyitaho kugira ngo ababikoze kuko uwabikoze yabikoze abigambiriye, iyo usesaguye uba wabigambiriye kugira ngo babikurikirane bashobore kuba bayagaruza.

Ni ukuvuga ngo iyo mu Nteko Ishinga Amategeko cyangwa muri Sena tumaze kubyerekana, ni ukuvuga ngo natwe dufite “conscience” yuko iyo “overpayment” iyo gusesagura byabaye ahasigaye ni ukuzareba izindi nzego kuri abo ngabo.

Hanyuma ibibazo byo gutanga amazi ni ikibazo kuva muri “legislature” ikibazo cya WASAC twahoraga tukivuga. Ariko na yo Honorable NIYOMUGABO yavuze za “reforms” zakorewe muri Rwanda Polytechnic, muzi ko n’umwaka ushize, na bo bayikoreye “reform” ya WASAC kandi iyo ukurikiranye ukumva za “programmes” zo gutanga amazi mu Rwanda inganda zirimo zubakwa n’aho zigeze zigeze, uravuga uti: “Ibintu bigira intangiriro, kandi intangiriro irimo irigaragaza ahasigaye na bo icya mbere ni ukugira amazi ahagije ahabwa abaturage, ukagira ubushobozi bwo kuyabagezaho kuko ubushake bwo kwishyura bwo burahari ikibazo ni “produit” y’amazi atabageraho.

Ni ukuvuga ngo hasigaye “organisation”. “Organisation” rero yarakozwe, Leta yarabyiyemeje, ahasigaye ni ah’abakora “management” yuko bagomba kubirangiza. Ni ho rero tuzajya tubirebera.

Ni byo koko ubugenzuzi bukumira bugomba kwitabwaho, ni ukuvuga ngo kandi nk’uko Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta yigeze kubitubwira ubugenzuzi bukumira ni ngombwa kandi akanayifashisha n’abahanga kugira ngo amakosa azaba yagaragaye azakosorwe bigitangira mbere.

Kubongerera ubushobozi, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ubushobozi bwo kugenzura abishatse arabibura. Iyo bihari akurikije "planning" ye birashoboka niba ashobora gushaka abahanga bashobora kumufasha kugenzura ibikorwa bimwe batari mu bakozi be, batava muri "payment law" yaho aba ashobora kuyibona, ni ukuvuga ngo ntacyo abujijwe, icya ngombwa Igihugu icyo gishaka ni ukugira ngo habeho "transparence" y'imicungire y'Igihugu kandi dukumire kuko iba ishobora gukorwa nabi.

Kuri Honorable MURANGWA, yashimye raporo. Ni byo koko iyo wanditse ariya mafaranga akandikwa erega ubona uko ukurikirana kuko ubundi mbere ntabwo wabaga uzi n'aho ari. Kwari kuvuga ngo ni ukujya gushakisha, nari ngiye gukoresha ijambo ritari ryo, washakisha ibyo utabona? Ariko ubu noneho urayabona aho ari. Ukareba uti ese yakurikiranye gute kugira ngo akoreshwe byagenze gute? Yageze kubo yari igenewe? Iyo iyo "transparence" yabonetse bikakunanira kuyakurikirana ubwo ni ukuvuga ngo haba hari ikindi ugamije.

Ubundi ibintu birahari ahasigaye ni ugukora kugira ngo ibyo bintu bikurikiranwe neza. Yego kuba ari munsi ya miriyoni ni byo koko amafaranga yenyerejwe ari munsi ya miriyoni eshanu mu gihugu cya "budget ya miriyari ibihumbi bitanu na magana angahe, yego na rimwe rifite agaciro ariko birasobanura yuko inzira turimo dukomereje aho kandi dushingiye ku bushake Igihugu gifite turizera ko bitazasubira inyuma. Icyo ni icyizere gikomeye dukura muri "trends", bigaragara hariya.

Hanyuma inama z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, iyo bigeze kuri mirongo itanu n'icyenda, mirongo itandatu na byo bishobora kuba ari "efforts" zakozwe, kuko hari "recommendations" atanga kugira ngo bishyirwe mu bikorwa bikaba byasaba imyaka myinshi bidashobora kuva muri uwo mwaka wa "budget" ikurikiye ko bashobora kuba bazishyizeho kuko hari izishobora kuba zisaba gukora guhindura amategeko, guhindura ubuyobozi, guhindura "structure" kugira gute. Izo rero iyo zihari ntabwo ari mu gihe cy'umwaka umwe byaba bikozwe, ariko icyangombwa ni uko bitangira. Ariko iyo dufite mirongo itandatu ku ijana zubahirijwe, hakaba n'izindi ziba zaratangiye ni ukuvuga ngo hari ibikorwa bigaragaza yuko ibintu biba biri ku murongo.

Hanyuma ibibazo by'ibirarane by'imisoro ni byo koko biteye impungenge kandi na Honorable Clotilde na we yabivuze. Ibirarane impamvu bifite ni uko bingana hafi makumyabiri ku ijana by'amafaranga dukorera "collection". Ni ikibazo ubwabyo iyo ubibonye ntabwo wabirenza ngo uvuge ngo iki ntabwo ari ikibazo. Ni ikibazo no kugishakira ibisubizo.

Aho ngaho mbasubiza mwembi, yego inama tujya ntabwo ari zo zarangiza ibibazo. Kuko twagize n'Imana Komisiyo ihura Komiseri wa Rwanda Revenue Authority igihe yashyirwagaho. N'icyo kibazo na cyo twarakiganiriye muri za "priorité". Icyo kirimo cyo kugira ngo babigabanye. Kuko yego niba nk'uko Honorable Clotilde yavugaga ati: "Umuntu gukora "déclaration" ntiyishyure, "amende" kugira ngo zigabanuke, iyo abikoze aba afite ubuhanga aba azi icyo bisobanura. Ariko hari n'abadakora "déclaration" bakazajya kubodita (auditer), bakabaca "amende", bakayabura bikagenda gutyo.

Ibyo rero ni ukuvuga ngo biriya dutanga ni rusange kandi iyo dusomye muri "management comment" muri iyo "report" ya "Rwanda Revenue Authority" yagiye isubiza, bavugaga ko ibyo bazabyitaho. Na twe kwari ukunga mu gitekerezo cyabo ariko noneho bazabyige ku buryo barebe "root cause", impamvu ibitera kugira ngo bigere kuri makumyabiri ku ijana (20%). Ni byinshi.

Nk’uko nigeze kubivuga, mu Rwanda iyo tureba uko amafaranga akoreshwa, niba akoresha neza, urabona za “programmes” ziratangira zigakorwa Abanyarwanda bakabona ko harimo ibintu bikorwa. Ni ukuvuga ngo gusora ntabwo ari gusora ngo uvuge uti: “Si ukuvuga ngo nyahaye abayobozi bazagende nk’uko ahantu hamwe tuzi azi ko ari ukugenda ugasora, ugasorera amafaranga akaguma hamwe uzi yuko iyo umusoro uwutanze uzagera no ku muturage wo mu Mudugudu wanyu kuko hari ibikorwa bizahagera”. Kandi na “tendance” iriho, yego tujya tuvuga ngo umusoro uraryana, ariko iyo ubona ibintu birimo bikorwa abantu bagira “tendance” yo gusora kugira ngo basore rwose nta kibazo gihari kuko bumva yuko atari ukubambura amafaranga. Kandi mu Rwanda iyo “niveau” itangiye kugerwaho gusora ntabwo ari Leta irimo yambura amafaranga abaturage ngo iyakoreshe ibindi ni ugushyira hamwe amafaranga kugira ngo bayakoreshe ibigenewe abaturage.

Ibyo rero twumvishe dukurikije izi “statistique” ni uko ibintu bigenda biriya byose, basubiye kureba uko imisoro yakwa n’uko ibihano bijyaho nibabitekerezeho batume noneho nk’uko “Commisaire Général” yabivuze babe inshuti y’abasora. Babe inshuti y’abasora be kuba babandi bavuga ngo baje gutwara imisoro ahubwo babe inshuti y’abasora babyishimira.

Nkumva ko ziriya nama twatanze ntabwo ziruta izo na bo bari basanzwe bazi, ariko dukomeje muri izo bakongera bagacukumbura neza niba harimo ibihato bijyanye n’amategeko bigakosorwa, ibijyanye na “procédures” na byo bigakosorwa ariko twe kujya tugira ibirarane kuko ababifite ni umusaraba baba bikoreye. “Il faut” rero kubigabanya ku buryo ibyo bintu bigabanuka nyine.

Ni byo koko iyo abasora biyongereye hari “risk” yuko na bo abenshi badashobora kwishyura ariko iyo wabishyize mu ntekerezo yuko gusora atari ukwambura amafaranga abaturage kugira ngo bage kuyakoresha, kuyasesagura bazi ko ari kuyaka abaturage kugira ngo bagire ibyo babakorera ntekereza ko ibyo byazagabanuka.

Honorable BIDERI reka tumushimire ku bitekerezo yatanze, yashimye intambwe Igihugu cyacu kimaze gutera, cyane cyane ashimira Uturere kuko atabiciye kure hari igihe mu Turere byari ibibazo. Byari ikibazo umuntu adashobora gutekereza ko bizashoboka ko yabona udashobora kubitekereza “donc” ari ukuvuga ngo reka twashyizeho “décentralization” Uturere turakora ariko ntibizashoboka yuko babona raporo yo kugira ngo babe bacunga neza. Ariko ubu turabibonye birashoboka.

Ni ukuvuga ngo ijambo birashoboka rero hose birashoboka niba barashoboye kubigira ahandi bagira “excuse” ukurikije uko byari biteye ntawagira “excuse” ko ahandi bidashoboka, byarashobotse na bo nibabe urugero rw’ahandi hose no mu zindi “secteurs” zose birashoboka. Ntibavuge ngo hari impamvu “structurelles” zibitera kuko ibyari bikomeye ni ukuzibona mu Karere, mu Turere ahandi byashoboka rwose. Kandi ingeso yo gusesagura iragenda icika, ubushobozi bwariyongereye no kurwanya ruswa nayo itanga icyizere na “accountability”.

Ariko muri iyi “domaines” yo kurwanya ruswa, sinjya numva bavuga ngo ni inyoni zijya inama n’abahinzi bakajya iyindi? Ni ukuvuga ngo ni ukugira “vigilance” kugira ngo batiga izindi “stratégies” zo kubinyura hirya kugira ngo bibe byashoboka.

Ni ukuvuga ngo rero ibyari bimenyerewe gukorwa muri ibi ngibi byose byabaye “neutralisé”. Ni ukuvuga ngo kubikurikirana birashoboka ariko se none twaguma aho ngaho? Oya, ni ugushakisha, ni ukureba inzira zose zishoboka kuko abantu burya uko bizagenda kose bazaguma ari abantu.

Navugaga rwose icyizere muri Leta kirahari ni ikimenyetso cyigaragaza yuko ibintu biri ku murongo rwose.

Honorable HAVUGIMANA ni byo gushima iyi raporo, mirongo cyenda na kabiri ku ijana ni izabonye nta makemwa. Naho bagenzuye mirongo cyenda na gatandatu ku ijana by’amafaranga yatowe muri budget 2020-2023. Ane ku ijana (4%) ni byo bitagenzuwe n’abandi babonaga ko kujya kubigenzura ukurikije uko bakora za “dépenses”, kujya kubigenzura byari guhenda kurusha icyo uzavanamo. Kuko “risk” ni ntoya cyane rwose niba ibyo bigo ari imishahara bagomba kwishyura binyura muri “comptabilité publique” “frais” ziri aho, urumva wajya kuvuga ngo umushahara ntabwo wageze kuri ba nyirawo? “Réclamation s” zaturuka ahandi ku buryo wahita ubimenya. Ni ukuvuga rero ngo “efforts” zaragize ni ibintu birigaragaza.

Nkumva ari ibyo nashakaga kuvuga Nyakubahwa Perezida kuri ibi bibazo bagenzi banjye batubajije. Murakoze.

**Perezida wa Sena, Dr KALINDA François Xavier**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo ku bisubizo mutanze ku bibazo byari byabajijwe kuri “liste” ya kabiri. Ba Nyakubahwa twafungura “liste” ya gatatu.

Kuri “liste” ya gatatu hari Senateri NSENGIYUMVA, Senateri MUKAKARANGWA na Senateri DUSINGIZEMUNGU. Ijambo ni irya Senateri NSENGIYUMVA.

**Senateri NSENGIYUMVA Fulgence**

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena. Nanjye ndashima raporo.

Perezida wa Komisiyo yatugejejeho ibintu bitandukanye Umugenzuzi Mukuru ashingiraho agenzura, hari kubahiriza amategeko, gukurikiza inama z’Umugenzuzi Mukuru, “value for money”. Nyakubahwa Perezida njye ndibaza ikintu cyo kuzuza ibitabo by’ibaruramari. Iki kintu koko kiragenda kizamuka. Baduhaye urugero rw’Uturere makumyabiri na dutanu dufite mirongo cyenda na kabiri ku ijana (92%) noneho umuntu akibaza uhaye Akarere “budget” ya miriyari mirongo itatu, kuzuza ibitabo byagombye kuba ari “as guaranted”, ni kimwe no kujya muri “hôpital” ugashima abaforomo ko bazi gutera inshinge.

Icyo ni ikintu cyagombye kuvuga ngo iyi mari twabahaye igomba gusohoka ibitabo byujuje. Ahubwo wenda umuntu akibaza imikoreshereze y’umutungo n’iyo mari.

Njye rero numva turabishima koko ni byo, ariko dusubize inyuma tuvuge ngo iki kintu cyagombaga kuba kuba kizwi bariya buzuza ibitabo by’ibaruramari babizi babyize hanyuma ndetse ntikibe muri bimwe Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta agenzura.

Njye ni ko mbitekereza. Yagombye kuba nka agronome utazi aho umurwanyasuri uzanyura ukamushimira ko yabikoze. Njye numva turabishima koko ni byo, wenda hari abakozi badahari, ubushake buke, ariko iki kintu igihe kizage tuzavuge tuti: “Iyi mari tuzi neza ko izasohoka mu bitabo tukaba twabigenzura.”

Ikindi navuga nashimira Komisiyo, batubwiye ikibazo cy’ibigo by’abana bato, ndetse bagaragaza n’ibyakorwa, batanga inama, ariko nkibaza hari icyo Perezida wa Komisiyo yari avuze ku kibazo cy’amazi. “Capacité” z’inganda ziri ku kigero gitoya. Aho na ho ntitwahatanga inama?

Hari ibibazo Umugenzuzi Mukuru yavuze ku byerekeranye wenda n’ubuhinzi, nabonye ari cyo kibazo nubwo kiriya cy’ibigo by’abana bato ari cyo bavuze ariko hari n’ibindi bibazo. Ni amatsiko nari mfite ku bindi bibazo bishobora kugaragara na byo bakabitangaho inama. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida.

**Perezida wa Sena, Dr KALINDA François Xavier**

Murakoze Senateri NSENGIYUMVA. Ijambo ni irya Senateri MUKAKARANGWA.

**Senateri MUKAKARANGWA Clotilde**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena kongera kumpa ijambo kuri “liste” ya gatatu. Ni ikibazo gito cy’amatsiko cyane ko iyi raporo mu by’ukuri Komisiyo yarayisesenguye mu buryo bwimbitse kandi bwiza itanga n’inama ubona ko ari nziza. Wenda iyo tugeze aho Komisiyo ivuga ko ireba ibikwiye kwitabwaho kugira ngo ibyagezweho bidasubira inyuma muri byo harimo gukemura ikibazo cy’imitungo yose ya Leta idakoreshwa igatangira kubyazwa umusaruro n’ibindi bitandukanye.

Hanyuma mu gusoza tukavuga ngo Komisiyo y’Iterambere ry’Ubukungu n’Imari izakomeza gukurikirana ko ibibazo bikigaragara mu micungire y’imari n’umutungo bya Leta bibonerwa ibisubizo binyuze mu gushyira mu bikorwa inshingano zayo. Ariko nagize ikibazo mvuga nti: “Iyo dukoze isesengura rya raporo y’izi nzego zitugezaho ntihajyemo umwanzuro ariko baramara amatsiko, raporo kugira ngo igezwe ku nzego zibishinzwe cyangwa kuri Guverinoma, n’ibi ngibi byasesenguwe n’izi nama zatanzwe nziza zakagombye gushyirwa mu bikorwa.

Hari ubundi buryo buhari bwo kugira ngo izi nzego zitandukanye zibone iyi raporo yasesenguwe na Sena? Kuko byaba byiza bikarushaho gukemura ibibazo cyane ko burya baba banazitugejejeho kugira ngo koko nk’abahagarariye abaturage, nka Sena itanga inama ibinyujije ndetse no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry’amahame remezo, barusheho kugira icyo batanga nk’umwanzuro wo kugira ngo barusheho kuzabikurikirana mu gihe kizaza.

Nagira ngo wenda bimare amatsiko niba iyi raporo hari aho inzego zizayibona kuko nta mwanzuro urimo bitewe n’ibibazo byiza n’inama nziza zatanzwe na Sena. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Nyakubahwa Senateri MUKAKARANGWA.

Ijambo ni irya Senateri DUSINGIZEMUNGU.

**Senateri DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre**

Murakoze Nyakubahwa Perezida kumpa ijambo. Nagira ngo nanjye nshimire Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari. Iyi raporo yatugejejeho yatweretse kuburyo bugaragara busobanutse intambwe Igihugu kigenda gitera, intambwe nziza mu birebana no gucunga n'ibyo bagomba gucunga. Kandi raporo yatugaragarije mu by'ukuri igisobanuro tugomba kubona ku mpinduka igenda igaragara.

Nyakubahwa Cyprien yatweretse uburyo amavugurura muri Rwanda Polytechnique ndetse no muri Kaminuza y'u Rwanda, uburyo ayo mahugurwa agenda afasha gutera imbere mu gucunga neza umutungo. Ariko hari n'ibyagaragaye birebana n'Uturere, utu Turere natwo nagira ngo mvuge uko njye mbitekereza impamvu hari impinduka ku birebana n' imicungire myiza mu Turere, twakwibukiranya yuko na ho habaye amavugururwa kubirebana na Njyanama, uburyo Njyanama ijyaho, uburyo igomba gukora n'ibindi tuzi neza ko ayo mavugurura yabaye. Umuntu akaba yavuga ko naha ngaha ari umusaruro w'ayo mavugururwa.

Bikaba bituma rero ntekereza ko n'ahandi Komisiyo yagiye itugaragariza ko hari intambwe igomba guterwa ko na ho hakwiye ayo mavugururwa. Nafashe ibibazo bibiri gusa, ku birebana mwadusobanuriye ko hari ibigo bidafite Inama z'Ubutegetsi zuzuye cyangwa se zitanariho ko aho hantu hari ibibazo. Ikibazo cyakunze kuvugwa hano muri Sena ni ikibazo kirebana n'ubuyobozi bw'izi "Conseils d'Administration". Hari n'aho umuntu yanavuga ko zitanakora neza bikaba bituma icyo kibazo cy'imicungire mibi kigenda kigaragara.

Aha na ho nkumva ko abantu batanga ibitekerezo by'uko imishyirireho y'Inama z'Ubutegetsi na yo yavugururwa, abantu bakareba abajya mu nama z'ubuyobozi, abo ari bo ubushobozi bafite.

Nibaza ko hari ibirebwa ariko bikwiye kuvugururwa hakongerwamo ingufu, ndetse byaragaragaye ko ubuyobozi bw'ibigo nk'ibi ngibi bisaba ubushobozi n'ubumenyi bukwiye, abantu banahabwa n'amahugurwa kugira ngo bagere ku rwego rw'ibikenewe muri iki gihe. Kuko "corporate Governance" ntabwo ari ikintu umuntu amenya atacyize ngo ajyane n'igihe atabihugurirwamo ku buryo buhoraho. Nkaba ntekereza ko ibi bidakorwa ku buryo buhagije nsaba yuko abantu babirebaho.

Icya kabiri ni ibirebana na biriya birarane ku by'imisoro, hari aho duherutse kujya, bamwe mu bagize Komisiyo yacu iganira n'Abanyarwanda baba hanze, hari ikibazo umuturage yatugejejeho uba hanze avuga ko afite ibirarane bya miriyari zirindwi z'imisoro akaba mu by'ukuri n'igituma wenda ari no hanze ari n'uburyo bwo guhunga kwishyura ibirarane. Ariko twaramubajije tuti: "Ese izi miriyari zirindwi ko twabonaga ari umuntu usanzwe uyu muntu yacuruzaga iki cyangwa yari afite "chiffres d'affaires" ingana iki ku buryo haba ibirarane by'imisoro bya miriyari zirindwi?"

Nkibaza ko harimo ikibazo cyo kuvugurura na ho abantu bakareba ibitaremerera abantu, nubwo n'abagomba gusora na bo bagomba kwisubiraho ariko niba ikibazo kigomba kugera aho ngaho nibaza ko ari ibintu bigomba kuvugururwa. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Senateri DUSINGIZEMUNGU. Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo na none mwafata ijambo kugira ngo musubize ku bibazo byabajijwe na ba Nyakubahwa Basenateri kuri "liste" ya gatatu. Ijambo ni iryanyu.

**Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, Senateri NKUSI Juvénal**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena. Ku bibazo n'ibitekerezo Honorable NSENGIYUMVA, yatugejejeho, ni byo koko kubyumva yuko abantu batuzuzaga impapuro z'amafaranga yaje ubundi byari "obvious", "donc" byari ibintu "normale", ariko "expérience" twabonye mu myaka ishize yose ni uko bitakorwaga. Ni ukuvuga ngo rero cyari ikibazo.

Yatanze n'urugero rw'abagoronome, reka mvuge iby'abagoronome yavuze harya ni imiringoti? Imirwanyasuri mu Gihugu cyose ko abagoronome na bo batazi kuyikora kandi babizi. Ni ukubaza uti: "Rero bagomba kwigishwa nubwo baba barize ubuhinzi ariko bagomba kongera kwigishwa, na bariya bacunga imari na bo bagomba kongera kwigishwa kugira ngo babumvishe ko ari ngombwa. Kuko dukurikije inama yaduhaye yaba ari mu bitabo, yaba ari mu buhinzi kubera ko tutaragera kuri "objectif" nyayo kugira ngo turwanye isuri na bariya babikora bagomba kuzigishwa. Ubwo ni ukuba umuntu yazabisaba kugira ngo bigishwe bashobore kuba babikora.

Akora "reference" ku bijyanye n'ikibazo cy'amazi, "capacité" y'inganda ni byo koko turabizi ariko iyo ufite "information" muri iki Gihugu y'inganda z'amazi zirimo zubakwa mu bice by'Igihugu bitandukanye no kongera ubushobozi bwo gutanga amazi, uravuga uti: "Birimo birakorwa kandi birimo birihutirwa, turabona "results" mu gihe yenda nko mu mwaka utaha tuzi inganda nyinshi zizaba zimaze kuzura zifite ubushobozi bwo gutanga amazi ku bantu benshi." Ni ukuvuga ngo "investments" ziri "en cours", zirimo zirakorwa, n'ibikorwa birimo birubakwa no gukora "réseau" y'impombo ngo agere ku bantu na byo birimo birubakwa reka tuzarebe "results" noneho kandi bizagira "impact" ku isuku n'isukura.

Uvuze amatsiko ku bindi bibazo, wenda Visi Perezidante ari buze kunyunganira kuri ibyo bibazo agusubiza.

Hanyuma Honorable MUKAKARANGWA twatanze ibitekerezo, iyi ni raporo "public". Ntabwo ari raporo ibikwa mu kabati ni raporo "public" ndetse umenya inanyura no kuri Radio Inteko. Ni ukuvuga ngo tubimenyesha Abanyarwanda bose. Ni ukuvuga ngo ibitekerezo bya Sena biba byagezweho, kandi babishyira kuri "site web". Iyo babishyize kuri "site web" ni ukuvuga ngo ni "accessible" ku Banyarwanda no ku nzego zose.

Iyo rero bihari abantu bategura za "stratégies" za "policies" burya bagomba gushakira hose bagakora "research" hose kugira ngo ibitekerezo bituruka mu nzego zitandukanye babe aribo baheraho. Ni ukuvuga rero umwanzuro waba ari umwe ntabwo ari raporo yose. Kandi inzego zirakorana ziruzuzanya nk'uko Itegeko Nshinga ribivuga.

Ni byo koko gusesagura byaragabanutse. Ndakeka ko dukurikije nk'uko twabivuze hari ibintu birimo bikorwa kandi bitanga ibisubizo byigaragaza.

Hanyuma ku bitekerezo bya Honorable DUSINGIZEMUNGU ahereye ku mpinduka, ni byo koko amavugururwa yarakozwe, ariko iyo usubiye inyuma mu rwego rw'Uturere usanga MINECOFIN na MINALOC byakoze akazi gakomeye ko kwigisha aba "gestionaire, public finance management" abakozi bo mu Turere. Bashyizeho "programme" nini nyinshi kuko zatumye turimo tubona uyu musaruro. Kuko mbere barebaga abakozi bo muri za Minisiteri bariya ba "Chief budget managers" bakaba ari bo bigishwa, ariko ubu ngubu inzego zose ziri muri "finance" bagira amasomo ya "public finance management" kandi bakayagira buri gihe. Ntabwo ari ukuvuga ngo warangije kwiga, warangije kwigishwa, bakunyujije muri iyo "training", uyu mwaka ujyayo, n'umwaka ukurikiyeho, n'umwaka ukurikiyeho ku buryo ari uguhozaho.

Nkumva rero yuko ibikorwa byakozwe na MINECOFIN na MINALOC muri urwo rwego byatumye koko haba impinduka mu Turere no mu bitaro bya Leta. Ubundi amafaranga yo mu bitaro ntawari uzi aho ari. Kugera no mu mashuri yisumbuye. Byose ni ukugira ngo abantu bashobore kuba bakurikirana kandi bakabyinjiza mu nzira iboneye yo kugira ngo imicungire y'umutungo wa Leta ibe myiza koko.

Na biriya bibazo bya za "boards" no kubivugurura ni ikibazo cyavuzwe igihe kinini. Ariko ntekereza ko igihe kigeze iyo tubona ibigo bikora ubucuruzi bya Leta, muri "report" bagaragaje ibijyanye na "rentabilité" yabyo no kuba byabona ama "liquidité" kugira ngo bishobore uba byakora. Iyo "tableau" Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yatanze muri raporo ye yerekana ko harimo ibibazo. Kandi itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi, ni amategeko agaragaza ibigomba gukorwa kugira ngo bakore nka sosiyete y'ubucuruzi. Ni ukuvuga rero ngo n'izo "boards" bagomba kuzashyiraho, ujya muri "board" y'ikigo cy'ubucuruzi ntabwo ari uwo gutoragura ni umuntu ubifitiye ubushobozi kandi bikazaba bizwi ko bizagira akamaro.

Ntekereza ko niba, ariko ibi nibyo mbona, ukurikije uko bakora "audit" y'ibigo bya Leta bikora ubucuruzi, n'icyo kibazo kizashakirwa igisubizo kugira ngo bajye babikora byumvikana. Kuko urabona hari nk'Ibigo bya Leta bikora amasoko ariko ugasanga biriya byo gutinda kurangiza, gushaka za "avenants" ugasanga ibyo ngibyo birahari kubera yuko, hariho n'abigeze kutubwira ko batari bazi hari Ibigo bya Leta bicuruza.

Nibyo bijyana n'uko ikibazo cya "Corporate Governance" kigomba kwitabwaho, ntekereza ko biri muri iyo "process" iriho muri iki Gihugu ya "public finance management" kugira ngo bariya bari mu nzego zose zicunge umutungo wa Leta bagire "awareness", bagira imyumvire imwe kandi yuzuzanya kugira ngo bacunge imitungo ku nzego izo ari zo zose.

Biriya birarane by'imisoro birahari, ni yo mpamvu mu bitekerezo dutanga turavuga tuti: "Biriya ni rusange ariko noneho basubire inyuma barebe niba koko", nk'ubwo mwibajije muti: "Ese ibirarane byaturutse hehe?" Abantu barebe koko uko byakora n'uko byagenda kugira ngo abantu ntibagere aho ngaho, kuko iyo bageze kuri miriyari zirindwi ni ukuvuga ngo na "insolvence" uyigiyemo ibyawe byose byagenda.

Ni ukuvuga ngo ugize "insolvence" ibisigaye byose urafunga uhindura izina n'ibyawe kugira ngo bagusibe mu bitabo byose, kandi ibyo ngibyo nta nyungu bifite. Ni ukuvuga ngo ni ugushaka nyine kugira ngo umusoro ube "friendly" n'uko bikurikiranwe.

Nkibi bitekerezo tuganira n'Umuyobozi Mukuru wa Rwanda Revenue wagiyeho, ibyo bintu twabiganiriyeho ku buryo mu murongo afite na byo bizaba biri mu byo ashaka gukoresha. Ariko wenda sinabishubije neza nagira ngo Nyakubahwa Visi Perezidante anyunganire.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo. Duhe ijambo Visi Perezida wa Komisiyo.

**Visi Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia**

Murakoze Nyakubahwa Perezida kumpa ijambo. Ndashima nanjye ba "Honorable" bose bashimye raporo uko ikoze ariko no gushima ibigaragaramo "content" yayo. Ni byo ni ibyo gushimwa kandi nk'uko twatangiye tubigaragaza bigaragaza neza gushimangira amahame remezo Igihugu cyacu cyashyizeho kuko niba ibigo bigeze kuri ririya janisha bitangiye gutera intambwe mu gukora neza no kwirinda gucunga nabi imari.

Ngira ngo ni ho tugana ku mibereho myiza no kudaheza buri Munyarwanda akibona muri ya "budget" Igihugu cyatanze kuko kiyitanga kugira ngo hagire ibimukorerwa. Birumvikana rero ko ibyo buri Munyarwanda agomba gukorerwa muri ya mafaranga atangwa muri ziriya nzego zose zagiye zigenzurwa byakoreshejwe neza.

Iriya mirongo cyenda na gatandatu ku ijana (96%) mwese mwashimye y'ingengo y'imari yagenzuwe ngira ngo mwabonye ko hari ibigo bitagenzuwe.

Ikindi gisobanuro gitoya nakunganiraho Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo ni uko iyi raporo yaje mbere ugereranyije n'igihe yari ikwiye kugeza. Ngira ngo ubundi muribuka ko yajyaga itugeraho mu mpera z'ukwa kane, ariko ubu yatugezeho tutaragera no hagati y'ukwezi kwa kane. Kubera rero ubwihutirwe bw'iyi raporo yagiraga ngo itangwe muribuka ko Umutwe w'Abadepite wari mu minsi yo gusoza ibikorwa byawo. Hari rero ibigo bitabashije kugenzurwa ariko muribuka ko batwemereye ko ni byo bazaheraho mu igenzura rizakurikira. Icyo na cyo njye ndatekereza ahubwo ko iyo bagira umwanya ijana ku ijana ryari kugerwaho. Ni ibyo gushima rero.

Ikindi cy'ikibazo bakomeje kwibazaho, Nyakubahwa Perezida wa Sena, ni icyo kuvuga kuri iyi misoro. Nagira ngo mbabwire musomye neza raporo, Abanyarwanda barasora. Ahubwo ikibazo gihari ni muri za "penalities" babaha kuri ya misoro, noneho ahubwo hakaba nabatangira gusora ntibamenyeshwe igihe bazaza kubodita (auditer) "then" bya birarane akaba ari byo bigenda byiyongera. Ntabwo ari imisoro ibura ahubwo ni ibirarane ku nyungu bigenda byiyongera. Ariko nk'uko Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo yabivuze, ndetse na "Rwanda Revenue Authority" muribuka ko izi raporo iyo bamaze kodita (auditer) ikigo kukigenzura, na cyo kigira icyo kivuga kuri raporo yacyo. Na "Rwanda Revenue Authority" yarabibonye ariko hari izindi ngamba.

Hari inama twatanze, hari izo namwe mwagiye mwongeramo, ariko na bo hari izo baje kongera muri "management comments" zabo iyo na bo bamaze kubona ya "reports" na bo bagira icyo bavuga, na bo barabibonye ndetse bagaragaza bagiye gushyira n'imbaraga nyinshi kandi ngira ngo mwarabibonye ko byatangiye, kujya bamenyesha buri musoreshwa ikimutegereje n'aho ageze asora n'igihe gisigaye.

Nazo ziri muri “recommandations” zabo zo kubaha “notification” no kubibutsa “reminding” kugira ngo bishyurire ku gihe.

Ikindi na bo bashyize muri “comments” zabo ni uko bavuga ko bagiye kujya bagirana amasezerano n’umusoreshwa noneho amenye ukuntu yajya yishyura muri “instalments”, mu byiciro ya mafaranga y’ibyo bagomba kwishyura na byo tukabona ko ari byiza kumworohereza kugira ngo ayabone.

Ikindi nk’uko yabivuze umuyobozi yatubwiye, ni uko yatubwiye ko bagiye gushyiraho “system”, mbese “system” imeze nk’Irembo ku buryo bazajya basora bakabikora batagize ubukererwe bakabikora bonyine bakirinda na ya mirongo tugenda tubona ikiri kuri “Rwanda Revenue Authority”.

“So” hari rero ingamba nyinshi zihari, hari inama nyinshi bagirwa ugereranyije ndetse hari izo bafatanyije na MINECOFIN na yo yagiye ibaha. Musomye iyi raporo yose murazibonamo, nkumva rero kiriya kibazo cy’ibirarane ku misoro na cyo kizagenda gikemuka.

Ikindi Nyakubahwa Perezida yasubije Honorable Fulgence, ibitabo biruzuzwa Honorable! Ni nk’uko na ba bagoronome bakora ya mirwanyasuri barayikora, ariko hari ukuzuza hari no kuzuza neza. Ijambo neza ngira ngo ni ryo mwibagiwe, bose barabikora kuko batabikoze se baba bafite ba “comptables” bashinzwe iki? Barabikora, ahubwo ntabwo ari ko babikoraga neza.

Ubu ngubu intambwe iragenda iterwa bigaragara, cyane cyane kuri ya mahugurwa Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo yavuze ariko ngira ngo murabizi ko hari n’andi aba “comptable” benshi mu bigo bya Leta bahabwa kandi bakabona amasomo n’izo “diplômes” batishyuye, Leta ikabishyurira. Ibyo byose Leta iba ibikora kugira ngo imikorere n’ubugenzuzi buzasange ibintu bimeze neza.

Honorable Hadija hari ikintu yashimye natwe twashimangiye cy’ubugenzuzi bukumira. Ubugenzuzi bukumira ngira ngo murabyibuka ba Nyakubahwa muri iyi raporo twabonye ko twabaye nk’abasubira inyuma tugakora imyaka yose tumaze muri Sena, tukareba kuva raporo ya mbere twabonye nka Komisiyo, Imana tugira ni uko Nyakubahwa Perezida wa Sena, Perezida na Visi Perezida wa Komisiyo n’ubundi bamye muri iyi Komisiyo, rero biroroshye gusubiza amaso inyuma tukareba uko izi raporo zagendaga ziza n’ibyagiye biterwamo intambwe, ariko muri izi raporo z’imyaka ibiri gusa ishize ni ho twabonyemo ubugenzuzi bukumira. Kandi ba Nyakubahwa murebye ukuntu babukora, aho yifashisha aba “experts” na ba “Consultants” bandi murabona ko kugira inama ikigo mbere yuko baza no kukigenzura hari byinshi byakosowe.

Rero natwe no muri raporo yacu dusanga ubugenzuzi bukumira bukomeje gukorwa, ndatekereza ko n’akazi k’Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta kagenda neza.

Ikindi nagira ngo nshimangire kandi muribuka ba Nyakubahwa ko twagiye tubigaragaza muri raporo zose ni izi “boards”. Ngira ngo muribuka ko n’itegeko ryagiyeho, ariko turatekereza ko na bo kubishyira mu bikorwa bakiri gushaka ukuntu babigenza ndetse hari n’aho twanagiye inama twe tuvuga tuti: “Hari n’ibigo bidakeneye “board” ahubwo bikeneye “technical advisory team”, abantu babagira inama zihoraho mu byo bakora.

Kuko nk’uko mubyibuka twaje no gusanga ko Njyanama imwe mu mezi atatu wenda ihura isaha imwe cyangwa abiri atari byo bizakemura ibibazo, ariko na none aho zitari mwabonye ko birimo bifasha nka ziriya “assets” turi kubona zigenda zigaruka turi kubona ni uko biriya bikoresho, kuko ubu ni ubugenzuzi bw’imari ariko n’ibikoresho birimo.

Bya bikoresho bigenda bigaruka, ba Nyakubahwa si ibishya. Ibyinshi ni byabindi bahora bagarura muri bya bitabo. Rero dutekereza ko “boards” zigiye ziba zihari zanabikoraho wenda bigakurwa no mu bitabo ariko si ugukurwamo gusa bakanajya inama y’aho byatangwa nk’uko twabyanditse muri raporo, cyangwa se bikanagurishwa. Kuko “Auditeur” we icyo yasanze umwaka ushize akongera akagisanga we acyandika nk’aho ari gishya. Ariko iyo abayobozi b’ikigo badafite ubwo burenganzira bwo kuba babikura mu bitabo cyangwa gufata icyo cyemezo ni ukuvuga ngo raporo n’ubundi iragaruka ikagaruka isa kwa kundi.

Ikindi twari twiteze wenda ni uko twumvaga “Commission sociale” na yo iza kutubwira uko yayibonye mu kugenzura iriya raporo twabagejejeho, ariko twebwe Nyakubahwa Perezida wa Sena twarabishimye cyane barayisesenguye yaje yuzuza igikorwa twakoze kandi dutekereza ko nk’uko twabishyize mu musozo bigiye bikorwa byaba byiza.

Ikindi ba Nyakubahwa mwabonye ni uko raporo ziruta umubare ibigo bya Leta. Icyo bivuze rero na cyo tugomba gushima ni uko mu kigo kimwe hakorwamo na raporo zirenze ebyiri cyangwa eshatu. Ibi na byo birerekana imbaraga Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta na we ari gushyiramo. Kubera ko urasanga, reka mfate nka “example” imwe nka RAB, bagakora nyine ubugenzuzi busanzwe bwa “Auditeur Général”, uyu mwaka barabikoze aho bagaragaje uko ibitabo byujujwe, uko imari yacunzwe bakurikije amategeko, uko bashyize mu bikorwa inama Umugenzuzi Mukuru abagira ariko baragiye no mu bugenzuzi bwimbitse aho mwabonye cumi na butandatu, nko muri RAB bakongera bakareba uko imbuto zitangwa n’uko bazibona, bakareba ifumbire, murumva ko birarenze. Birenze noneho bya bindi bisanzwe ahubwo mu kigo kimwe agatangira kujya no mu mishinga runaka.

Ngira ngo na cyo ni imbaraga “Auditeur Général” azanyemo kandi ni ikintu cyiza bitwereka ko na ya “transparence” izagenda yiyongera.

Nsoza Nyakubahwa Perezida wa Sena bibajije bati: “Ese ko iyi raporo ari nziza ko yari ikwiye kugera ku bigo akaba nta mwanzuro?” Njye ntekereza ko ba Nyakubahwa hari umwanzuro twakomeje gushyira mu bikorwa n’ubu ugihari, wo kuvuga ko hari ibigo bigenda bigaruka bigaragaza raporo itari nziza ko tugomba guhura na byo. Uwo mwanzuro rero uracyahari ntaho wagiye. Kongera rero kuwusubiramo ndumva byaba ntacyo byongera kuko umwanzuro urahari kandi twarawutanze kandi nta kibuza Sena kuzakomeza gukora muri ubwo buryo.

Nkumva rero iyi raporo aho yagezwa hose no muri “library” na ho irimo, ahubwo na bya bigo kandi tuba dukorana umunsi ku wundi na bo barabizi kandi izi raporo zirahari hari n’ab’inkwakuzi baza kuzisaba.

Rero nkumva aho kugira ngo tujye dusubiramo umwanzuro umwe ugaruka, ntekereza ko iyi raporo natwe tugomba gutera intambwe nka Komisiyo tukiha noneho igikorwa cyacu no kujya duhindura “méthodologie” dukoresha kugira ngo dusesengure neza raporo y’Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta. Murakoze.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Nyakubahwa Visi Perezida wa Komisiyo.

Ba Nyakubahwa Basenateri nagira ngo yenda kubigendanye n'iyi raporo, nibutse ko ku kibazo cy'Ibigo bya Leta bidafite inama z'ubutegetsi cyangwa bifite inama z'ubutegetsi zituzuye ari umwanzuro Sena yagejeje kuri Guverinoma mu bihe byashize. Nubwo hano bikigaruka kubera ko bikigaragara, ariko ni ikibazo kizwi kuko uyu mwanzuro washyikirijwe Guverinoma.

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri nyuma yo kumva ibisubizo ku bibazo byari byabajijwe kuri "liste" ya kabiri n'iya gatatu, ndagira ngo dufate icyemezo kuri raporo ya Komisiyo. Icyemezo kirafatwa ku bwumvikane busesuye.

Raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ku izusumwa rya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka warangiye ku wa 30 Kamena 2023 twayemeza ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange ya Sena**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze ba Nyakubahwa. Inteko Rusange ikaba imaze kwemeza raporo ya Komisiyo.

Ba Nyakubahwa Basenateri nyuma yo gufata icyemezo kuri raporo, ubusanzwe dukurikizaho gufata icyemezo ku myanzuro kuri raporo, ariko nk'uko mwabibonye nta mwanzuro wasabwe kuri iyi raporo. Tukaba dushimira Biro ya Komisiyo n'abandi bagize Komisiyo kuri raporo nziza batugejejeho. Tukaba tugira ngo basubire mu byicaro byabo.

Ba Nyakubahwa dukurikijeho ingingo ya kabiri yerekeye kwemeza inyandiko zivunaguye z'inama z'Inteko Rusange ya Sena zo mu bihembwe bidasanzwe byakurikiye igihembwe cya kabiri gisanzwe cya Sena cy'umwaka wa 2023-2024, ari zo zikurikira:

- Iyo ku itariki ya 18 Mata 2024 yabaye i saa mbiri;
- Iyo ku itariki ya 06 Gicurasi 2024 yabaye i saa munani;
- Iyo ku itariki ya 10 Gicurasi 2024 yabaye i saa tatu;
- Iyo ku itariki ya 14 Gicurasi 2024 yabaye i saa tatu.

Buri nyandiko rero nk'uko bisanzwe iremezwa ukwayo. Duhereye ku nyandiko ivunaguye yo ku itariki ya 18 Mata 2024 yabaye i saa mbiri.

Ku baba bafite icyo bakosoza kuri iyi nyandiko ivunaguye twafungura "liste" ya kabiri. Ntawasabye ijambo. Twafungura "liste" ya gatatu. Na ho ntawasabye ijambo.

Iyi nyandiko ivunaguye yo ku wa 18 Mata 2024 yabaye i saa mbiri twayemeza ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange ya Sena**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze. Dukurikizeho inyandiko ivunaguye yo ku wa 06 Gicurasi 2024 yabaye i saa munani. Dufungura lisite ya kabiri. Twafungura lisite ya gatatu. Na ho nta Musenateri wasabye ijambo.

Iyi nyandiko ivunaguye y'Inama y'Inteko Rusange yo ku wa 06 Gicurasi 2024 i saa munani twayemeza ku ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange ya Sena**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze. Turakurikizaho inyandiko ivunaguye yo ku itariki ya 10 Gicurasi 2024 i saa tatu.

Dufunguye "liste" ya kabiri, ntawasabye ijambo. Twafungura "liste" ya gatatu, na ho ntawasabye ijambo.

Iyi nyandiko ivunaguye yo ku itariki ya 10 Gicurasi 2024 yabaye i saa tatu twayemeza ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange ya Sena**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze. Turasoreza ku nyandiko ivunaguye yo ku itariki ya 14 Gicurasi 2024 i saa tatu.

Dufungure "liste" ya kabiri. Nta Musenateri wasabye ijambo. Twafungura "liste" ya gatatu. Naho nta wasabye ijambo.

Ba Nyakubahwa iyi nyandiko ivunaguye yo ku itariki ya 14 Gicurasi 2024 i saa tatu twayemeza ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange ya Sena**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze. Izi nyandiko zivunaguye tukaba tumaze kuzemeza nk'uko biteganywa n'amategeko.

Ba Nyakubahwa ingingo ikurikiraho ni ukwemeza inyandikomvugo z'inama z'Inteko Rusange ya Sena zo mu bihembwe bidasanzwe byakurikiye igihembwe cya kabiri gisanzwe cya Sena cy'umwaka wa 2023-2024 ari zo izi zikurikira:

- Iyo kuri 18 Mata 2024 i saa mbiri;
- Iyo kuri 6 Gicurasi 2024 i saa munani;
- Iyo kuri 10 Gicurasi 2024 i saa tatu;
- Iyo kuri 14 Gicurasi 2024 i saa tatu.

Ba Nyakubahwa ndabibutsa ko itegeko Ngenga rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 71 riteganya ko Umusenateri wifuza kugira icyo akosora ku nyandikomvugo ashyikiriza mu nyandiko Perezida wa Sena ibyo ayikosoraho. Kugeza ubu rero nta busabe busaba gukosora inyandikomvugo twabonye.

Ba Nyakubahwa rero nkaba nsaba ko izi nyandiko zose twazemeza ku bwumvikane busesuye.

**Inteko Rusange**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze. Inyandikomvugo nari maze kubasomera zikaba zemejwe n'Inteko Rusange.

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri ingingo zari kuri gahunda y'inama y'Inteko Rusange y'uyu munsi tukaba tumaze kuzisuzuma zose.

Inama y'Inteko Rusange itaha ikaba iteganyijwe ku wa mbere tariki 05 Kanama 2024 i saa cyenda z'amanywa.

Ku murongo w'ibyigwa hateganyijwe ingingo zikurikira:

1. Kugezwaho no gufata umwanzuro kuri raporo ya Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano ku gikorwa cyo kungurana ibitekerezo muri Komisiyo na Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'inshingano Mboneragihugu ku ngamba zo guhangana n'ihakana n'ipfobya bya Jenoside yakorewe Abatutsi binyuze mu bushakashatsi.

2. Ingingo ya kabiri ni ukwemeza inyandiko zivunaguye z'inama z'Inteko Rusange ya Sena zo mu bihembwe bidasanzwe byakurikiye igihembwe cya kabiri gisanzwe cya Sena cy'umwaka 2023-2024 zikurikira:

    - Iyo ku itariki ya 17 /05/2024 (09h00);
    - Iyo ku itariki ya 24 /05/2024 (09h00);
    - Iyo ku itariki ya 28 /05/2024 (15h00);
    - Iyo ku itariki ya 30 /05/2024 (15h00).

3. Ingingo ya gatatu ni ukwemeza inyandikomvugo z'inama z'Inteko Rusange ya Sena zo mu bihembwe bidasanzwe byakurikiye igihembwe cya kabiri gisanzwe cya Sena cy'umwaka wa 2023-2024 zikurikira:

    - Iyo ku itariki ya 17/05/2024 (09h00);
    - Iyo ku itariki ya 05/05/2024 (09h00);
    - Iyo ku itariki ya 28/05/2024 (15h00);
    - Iyo ku itariki ya 30/05/2024 (15h00).

4. Ingingo ya kane ni ukugena ikiruhuko cy'Abasenateri nk'uko biteganywa n'ingingo ya 44 y'Itegeko Ngenga rigenga imikorere ya Sena.

5. Ingingo ya gatanu ni ugusoza igihembwe cya gatatu gisanzwe cy'umwaka wa 2023-2024.

Ba Nyakubahwa rero inama y'uyu munsi ikaba irangiriye aha ngaha, nkaba mbashimiye mbifuriza umugoroba mwiza.

Inteko Rusange yashoje imirimo yayo i saa kumi n'iminota mirongo itatu n'itanu (16h35).

**MIGAMBI Joseph**
Umwanditsi

**CYITATIRE Sosthène**
Umunyamabanga Mukuru wa Sena

**Dr. KALINDA François Xavier**
Perezida wa Sena